# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-45 TARIKI 23 - 29 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw







**AMAKURU**

Perezida Kagame mu bayobozi 100 bateje imbere ubuvuzi bwa kanseri



2

**AMAKURU**


Kutita ku buziranenge bw'umusaruro w'ubuhinzi byabateje igihombo



7

**AMAKURU**


Abanyarwanda bemerewe kujya mu Budage bakoreye ikizamini mu Rwanda



8

**MUNTARA**

Abaturiye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe bagenewe miliyari 1,2 Frw



13

# U Rwanda rugiye gukora ibinyabutabire by'ubuvuzi bwa Nikeleyeri

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2026, u Rwanda rwitezweho gutangira gukora ibinyabutabire by'ubuvuzi bwa nikeleyeri bizwi nka "radionuclides".***

Ibyo binyabutabire byifashishwa mu buvuzi bwa kanseri zitandukanye binyuze mu gushiririza no gutandukanya uturemangingo (cellules) turwaye n'utuzima.

Ubwo buvuzi bwifashisha ikoranabuhanga rigezweho ririmo ibyuma bisuzuma hifashishijwe urumuri rutangwa n'icyo kinyabutabire bizwi nka "Positron Emission Tomography (PET)", biteganywa ko bizatangira gukoreshwa bwa mbere mu Bitaro Bikuru bya Gisirikare i Kanombe byo kwigishirizamo (RMRTH).

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame na Gianni Infantino bitabiriye FIFA Football Clinic/Festival



**Perezida Kagame ashyikiriza umupira umwe mu bana bitabiriye igikorwa cya FIFA Football Festival**

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Gianni Infantino uyobora Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA), bitabiriye gahunda yo gutangiza guhuriza hamwe abana bato biga gukina umupira w'amaguru hagamijwe ubusabane no kwidagadura binyuze mu gukina umupira w'amaguru, izwi nka FIFA Football Clinic/ Festival.***

Ni igikorwa cyabereye kuri Sitade Amahoro, ku wa Gatanu, tariki ya 26 Ukuboza 2025, cyitabirwa n'abana 220 barimo abahungu 120 n'abakobwa 100.

Perezida Kagame yatangiye ashimira Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, wahisemo kwizihiriza Noheli mu Rwanda, mu buryo budasanzwe.

Ati: "Tekereza, Noheli yagombaga kuba ari kumwe n'umuryango we, kuba bari ahandi hatari hano, ariko bahisemo kuza hano gusangira Noheli namwe, mu mwuka w'umupira w'amaguru. Wakoze Gianni."

Umukuru w'Igihugu yakomeje avuga ko Gianni Infantino

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame mu bayobozi 100 bateje imbere ubuvuzi bwa kanseri

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yashyizwe ku rutonde rw'umwaka wa 2025 rw'abayobozi 100 bagize uruhare rukomeye mu gukumira, kuvura no kurwanya kanseri binyuze mu gutanga ubumenyi bwabo, gukoresha ijwi n'ububasha bafite mu guhindura icyerekezo cy'urwego rw'ubuzima.***

Perezida Kagame nk'ufite inshingano z'ubuyobozi bw'Urwego rushinzwe gutera inkunga Inzego z'Ubuzima mu Muryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), avugwaho ko yagize uruhare rukomeye mu gukusanyiriza inkunga inzego z'ubuzima mu Rwanda no ku mugabane wa Afurika muri rusange.

Mu nkunga zakusanyijwe mu bihe bitandukanye, harimo izafashije kurushaho guteza imbere ikoranabuhanga rigezweho mu gukumira no kuvura kanseri mu Rwanda no ku mugabane wa Afurika.

Kubera ubuyobozi bufite icyerekezo Perezida Kagame yimakaje, u Rwanda rwabonye intsinzi ikomeye mu gukingira kanseri y'inkondo y'umura, rurushaho kwagura gahunda y'ubuvuzi kuri bose ndetse na serivisi zo gusuzuma, kuvura no gukomeza kwita ku barwayi zongerwa mu mavuriro menshi yo mu Gihugu.




**Perezida Paul Kagame, yashyizwe ku rutonde rw'umwaka wa 2025 rw'abayobozi 100 bagize uruhare mu buvuzi bwa kanseri**

Kuri ubu u Rwanda rufite ibitaro byo ku rwego mpuzamahanga byihariye mu buvuzi bwa kanseri, ndetse guhera muri Nyakanga uyu mwaka, abarwayi ba kanseri batangiye guhabwa serivisi z'ubuvuzi ku bwisungane mu kwivuza (CBHI).

Uretse Ibitaro bya Butaro byihariye mu kuvura kanseri zitandukanye, hari n'Ikigo IRCAD cyubatse icyicaro gikuru cya Afurika muri Rwanda guhera mu mwaka wa 2023, kuri ubu kikaba gitanga ubuvuzi bugezweho by'umwihariko ubujyanye no kubaga kanseri hifashishijwe ikoranabuhanga.

Igihe yari Umuyobozi w'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) hagati ya 2018 na 2019, Perezida Kagame yongereye imbaraga ubukangurambaga bugamije kurwanya indwara zitandura zirimo na kanseri, ndetse bishyirwa muri gahunda zihutirwa z'iterambere mu igenamigambi ry'Umugabane wa Afurika.

Mu gihe kandi ari umwe mu bayoboye Komisiyo Mpuzamahanga yifashisha Umuyoboro Mugari (Broadband Commission) mu kwihutisha iterambere rirambye, Perezida Kagame yashyigikiye ikwirakwizwa ry'ikoranabuhanga rigezweho mu buvuzi no kubaka ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga bihagije muri urwo rwego.

Muri ibyo bikorwa remezo harimo n'ibyifashishwa mu gukumira no kuvura kanseri zitandukanye hagamijwe kwimakaza ubuzima buzira umuze muri rubanda.

Mu bandi bagaragara kuri urwo rutonde, bagaragaje impinduka mu buvuzi bwa kanseri ku Isi binyuze mu gufasha kubaka iterambere rigezweho uyu munsi kandi bakaba bakomeje kuza ku ruhembe rw'imbere no guhanga ibishya, kwimakaza ubufatanye, gukora ubuvugizi, ubuyobozi no gukwiza ubumenyi kuri kanseri.

Kuri urwo rutonde rwatangajwe n'ikinyamakuru cy'ubuzima OncoDaily, harimo Dr. Steven A. Rosenburg ufatwa nk'umwe mu bavumbuye ubuvuzi bwa kanseri bugezweho bukorwa binyuze mu kongerera ubushobozi ubudahangarwa bw'umubiri bwo kuyirwanya (immunotherapy).

Haza kandi umuhaga mu bya siyansi witwa Dr. Hagop Kantarjian wahuguye abaganga ba kanseri batagira ingano akaba n'umuhanga mu kuvura kanseri y'amaraso (leukemia).

Hari kandi Julie Gralow, James P. Allison, Cary Adams, Zainab Shinkafi Bagudu, Clifford Hudis, Princess Dina Mired of Jordan, Eric Small, Lillian Siu, Larry Norton, Princess Ghida Talal of Jordan, Giuseppe Curigliano, Stella Kyriakides , Carlos Rodriguez-Galindo, Andre Ilbawi, Margaret Foti, Fabrice Andre, Ulrike Kagstrom, Guillermo Chantada, Alberto Costa n'abandi.

Abateguye uru rutonde rwatangajwe kuri OncoDaily bagize bati: "Ku bandi benshi batagaragajwe kandi babikwiye, tuzakomeza kubagarukaho, kubashimira no kuzamura amajwi yanyu mu makuru dutangaza buri munsi aturutse mu bice bitandukanye ku Isi."

NTAWITONDA Jean Claude

## Gasamagera Wellars yahererekanyije ububasha na Bazivamo Christophe muri FPR- Inkotanyi

***Ku wa Mbere tariki ya 22 Ukuboza 2025, Umunyamabanga Mukuru wa FPR- Inkotanyi Amb. Bazivamo Christophe yahererekanyije ububasha na Amb. Gasamagera Wellars asimbuye kuri uwo mwanya.***

Ni igikorwa cyabereye ku Cyicaro Gikuru cy'Umuryango FPR Ikotanyi i Rusororo, kiyoborwa na Visi Perezida wa Mbere Uwimana Consolée, nyuma yo gutangazwa kw'amavugurura yakozwe mu Muryango mu Nama Nkuru ya 17 y'Umuryango FPR- Inkotanyi mu cyumweru gishize.

Amb. Bazivamo wabaye Umunyamabanga Mukuru wa FPR- Inkotanyi yari Ambasaderi w'u Rwanda muri Nigeria, imirimo yagiyeho mu 2023.

Yagizwe Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa EAC guhera mu 2016. Mbere yaho yari Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko ya EAC (EALA) ndetse yabaye mu myanya itadukanye muri Guverinoma mu Rwanda kuva mu kwezi k'Ugushyingo 2002 kugeza muri Gicurasi 2011.

Kuva muri uwo mwaka wa 2002 yabaye Visi Perezida w'Umuryango FPR- Inkotanyi kugeza mu 2023 ubwo yari ahawe inshingano za Ambasaderi.

KOMEZA KU RUP.4





# Perezida Kagame na Gianni Infantino bitabiriye FIFA Football Clinic/Festival

IBIKURIKIRA URUP.1

uyobora FIFA akoresha umupira w'amaguru mu guhuriza abantu hamwe.

Ati: "Ndakeka Perezida wa FIFA yabisobanuye neza, ariko hari ikindi kintu atavuze, gikoreshwa n'umupira w'amaguru. Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, akoresha umupira w'amaguru kugira ngo amahoro aboneke, mu guhuriza abantu hamwe kubera amahoro. Kuko bizana ibihugu bitandukanye mu bintu bitandukanye, hamwe n'iyo baba batumvikana. Iyi sitade yitwa Sitade Amahoro, ni ahantu heza ho guhuriza abantu hamwe ngo basangire amahoro."

Perezida Kagame yabwiye abana bato ko umupira w'amaguru usobanuye gukorera hamwe nk'ikipe kuko ababa bari mu kibuga bose baba bahuriye ku ntego imwe yo gufatanya kugera ku ntsinzi.

Ati: "Umupira w'amaguru, uteza imbere impano, ubumenyi ariko ukubaka amakipe nanone. Iyo uri gukina umupira w'amaguru, ukoresheje impano ufite, buri gihe mujye mwibuka ko muri ikipe. Mujye mwibuka ko muhuje intego imwe n'abandi bantu bari mu kibuga, mu kubaka ikipe."



**Perezida Paul Kagame aramukanya na Perezida wa FIFA, Gianni Infantino**

Perezida Kagame kandi yijeje abakiri bato b'u Rwanda ko Igihugu kizakomeza gushyigikira impano zabo, bubakirwa ibikorwa remezo banashyirirwaho ibindi bifasha mu kuzamura impano zabo.

Ati: "Nababwira iki, za sitade zirahari, imipira irahari namwe mushaka gukina, ubwo rero hasigaye ahanyu gusa. Mugire amahoro y'Imana."

Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, na we yashimye Perezida Kagame ku bwo kubaka ibikorwa remezo bya siporo birimo Sitade Amahoro bifasha abafite impano kuziteza imbere.

Yagize ati: "Twizihiza mwe, twizihiza abana b'u Rwanda, abana b'Igihugu cyiza. Uyu munsi turatanga imipira y'amaguru 1 000, tuzubaka izindi FIFA Arena, mu mashuri tuzakomeza kwagura imishinga ku bana b'u Rwanda, abana b'Igihugu cyanjye."

Uyu muyobozi yabwiye abakiri bato ko umupira bakina [ballon] atari ikintu gisanzwe, ahubwo ari icyizere cy'ahazaza.

Ati: "Murabona iyi ballon, ariko iyo utangiye kuyihereza umuntu ahita aseka. Ni igikoresho gihindura buri mwana, umwana wishimye, umuntu wishimye."

Perezida Infantino, yijeje abakiri bato bafite impano by'umwihariko mu mupira w'amaguru ko FIFA izakomeza gufatanya n'u Rwanda mu kububakira ibikorwa remezo no kubaha ibikoresho bifashisha.

Ati: "Turakomeza gusangiza 'ballon', gutanga ibi bikoresho kugira ngo abana bazavemo abantu beza, ibiremwamuntu byiza kuko iyo ukinnye umupira w'amaguru wiga byinshi, wiga kuba umuntu, ugatangira kwitegura gutsinda. Muri ahazaza h'iki gihugu cyiza cy'u Rwanda kandi turi hano ngo dusangire ibihe byiza."

Abo bana baturutse mu marerero 11 arimo atanu y'abakobwa n'atandatu y'abahungu, barimo abatarengeje imyaka 11, 13 na 15, bose bahawe imipira yo gukina 250 n'ibindi bikoresho byifashishwa muri Ruhago.

Ni mu gihe mu gihugu hose hazatangwa imipira 5 000.

Gahunda ya FIFA Football Clinic/Festival, isanzwe iba hirya no hino ku Isi, mu gukundisha abana bato umupira w'amaguru.

## U Rwanda rugiye gukora ibinyabutabire by'ubuvuzi bwa Nikeleyeri

IBIKURIKIRA URUP.1

Umuyobozi w'agateganyo w'Ishami rishinzwe Umutekano w'Ingufu za Nikeleyeri mu Rwego rw'Igihugu Ngenzuramikorere (RURA), Remy Wilson Bana, yavuze ko u Rwanda rwamaze gutumiza ibikoresho byose bikenewe ngo rutangire gukora ibyo binyabutabire byifashishwa mu buvuzi.

U Rwanda ruteye iyo ntambwe mu gihe ibyo bikoresho by'ubuvuzi bwa kanseri hafi byabonekaga ari mu Misiri ahandi hakaba mu bihugu by'i Burayi.

Biteganyijwe ko gukorera ibi binyabutabire mu Rwanda bizahanga imirimo ishingiye ku ikoranabuhanga irenga 100 by'umwihariko ku bakozi bamenyereye imikorere n'imikoreshereze y'ingufu za nikeleyeri.

Uretse imirimo, iyo ntambwe nshya irushaho gukomeza ukwiyemeza k'u Rwanda mu guharanira kuba igicumbi cy'ubuvuzi muri Afurika no kugabanya uruhare rw'Igihugu rwo kwishingikiriza ku bikoresho by'ubuvuzi bitumizwa mu mahanga.

Bana yasobanuye uko mu myaka yahise, Abanyarwanda bagorwaga no kujya gushaka aho basuzumirwa hifashishijwe iri koranabuhanga ryitezwe mu Rwanda mu mwaka utaha, bigatuma bubasha kwigonderwa na bake.

Yagize ati: "Mu birebana n'ubukungu iki ni ikintu gikomeye tugezeho kubera ko abenshi mu Banyarwanda bajyaga kwivuriza mu mahanga, by'umwihariko nko mu Buhinde cyangwa mu bindi bihugu by'i Burayi bagiye kwisuzumisha."

Yakomeje avuga ko ubuvuzi bwifashisha ingufu za nikeleyeri bwihariye kuko bwo buvura buhereye ku turemangingo, bigatuma abaganga bamenya ikigero cya kanseri mu mubiri.

Avugana na The New Times, yagize ati: "Mu by'ukuri bizafasha mu kuzigama amafaranga abantu bakoreshaga bajya kwisuzumisha no kwivuriza mu mahanga."

Bivugwa ko Guverinoma y'u Rwanda yatangiye ubufatanye n'Ikigo cy'Ubuvuzi Aegle Onco Care gisanzwe gitanga ubuvuzi mu Birwa bya Maurice no mu Buhinde, kugira ngo gifashe kuyobora iryo shoramari.

Uwo mushinga uzatuma ibigo by'ubuvuzi byo mu Rwanda bihabwa ibyangombwa byo gukoresha ubuvuzi bushamikiye ku ngufu za nikeleyeri, by'umwihariko hakazaherwa mu Bitaro Bikuru bya Gisirikare ndetse no mu Bitaro Byitiriwe Umwami Faisal.

Yahamije ko hari amashami ane yo mu bigo by'ubuvuzi azaherwaho mu guhabwa ibyo bikoresho.

Hagati aho, yavuze ko u Rwanda runafite gahunda yo gukura amashanyarazi ahagije mu ngufu za nikeleyeri.

Ati: "Kuri ubu hari ibikorwa bikomeje mu guharanira ko twagira ubushobozi bwo gutunganya ingufu za nikeleyeri zafasha kuziba icyuho cy'amashanyarazi u Rwanda rukeneye."



**U Rwanda rwitezweho gutangira gukora ibinyabutabire by'ubuvuzi bwa nikeleyeri**

# Gasamagera Wellars yahererekanyije ububasha na Bazivamo Christophe muri FPR- Inkotanyi


IBIKURIKIRA URUP.2

Yayoboye Minisiteri zitandukanye zirimo iy'Ubutegetsi bw'Igihugu, iy'Umutekano w'Imbere mu Gihugu, iy'Ibidukikije, iy'Ubuhinzi n'Ubworozi, n'Amashyamba na Mine.

Amb. Bazivamo yabaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC), kuva muri Kamena 2000 kugeza mu Ugushyingo 2002

Yabaye kandi Perefe wa Perefegitura ya Gitarama kuva muri Werurwe 1999 kugeza muri Gucurasi 2000.

Amb Bazivamo yize muri Kaminuza y'u Rwanda aho yakuye impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu bijyanye n'ubuhinzi kuva mu 1981



**Umunyamabanga Mukuru wa FPR- Inkotanyi Amb. Bazivamo Christophe yahererekanyije ububasha na Amb. Gasamagera Wellars**

kugeza mu 1988.

Yize kandi muri Kaminuza ya Göttingen yo mu Budage.

Yahakuye impamyabumenyi y'Icyiciro cya Gatatu cya kaminuza mu bijyanye n'ubukungu bushingiye ku buhinzi.

Mu zindi mpinduka zabaye mu mavugurura y'Inzego zigize Umuryango FPR Inkotanyi, Visi Perezida wa Mbere wa FPR Inkotanyi yakomeje kuba Consolée Uwimana, Visi Perezida wa Kabiri aba Kayisire Marie Solange.

Ku rundi ruhande, undi mwanya washyizweho ni Umunyamabanga wungirije wagizwe Gasana Karasanyi Stephen wahererekanyije ububasha na Kakooza Henry wamusimbuye ku buyobozi bw'Akarere ka Nyagatare ku Cyumweru tariki ya 21 Ukuboza.

Umwanya w'Inararibonye na wo winjiye mu nzego z'Umuryango FPR Inkotanyi, mu gihe hari hasanzweho abagishwanama babarizwaga mu Ihuriro ry'Inararibonye.

Tito Rutaremara, avuga ko atari bwo bwa mbere Umuryango FPR- Inkotanyi igize Visi Perezida wa kabiri ndetse n'Umunyamabanga Mukuru wungirije, ko byatangiye kuva uyu Muryango uvuka mu mwaka wa 1987.

# Hamuritswe ibitabo byatangirijweho kubikwa mu buryo bw'amajwi

MUTETERAZINA Shifah

***Ubuyobozi bw'Inteko y'Umuco bubinyujije mu Ishami ryayo rya Serivisi z'Inkoranyabitabo y'Igihugu (National Library) bwatangije gahunda yo kubika ibitabo mu buryo bw'amajwi mu rwego rwo korohereza abakenera izo serivisi ariko badafite umwanya munini.***

Bimwe mu bitabo byatangirijweho iyo gahunda byamuritswe wa Mbere tariki 22 Ukuboza 2025, muri gahunda y'imurikabikorwa rya Serivisi z'Inkoranyabitabo y'Igihugu 2025, byakozwe ku nshuro ya kabiri.

Ubushakatsi bwakozwe n'Inteko y'Umuco bwiswe 'Isuzumabipimo ku Murage Ndangamuco w'u Rwanda 2025', bwagaragaje ko Abanyarwanda bitabira gusoma ibitabo n'ibinyamakuru ku kigero cya 68,2% kandi umubare munini w'abakunda gusoma akaba ari uw'urubyiruko.



**Mu bitabo n'ibinyamakuru bibitse mu bubiko bw'ishyinguranyandiko ry'Igihugu harimo nk'ikinyamakuru Imvaho Nshya**

Batamuriza Cecile uhagarariye isomero ry'abaturage ryitwa 'Uri inzira Gasange' ryo mu Karere ka Gatsibo, avuga ko hakoreshwa uburyo butandukanye kugira ngo serivisi z'isomero zegerezwe abaturage.

Ati: "Dukoresha uburyo butandukanye mu gutuma abantu bitabira harimo gahunda ya buri cyumweru ijyanye n'uko abana n'abakuru bagomba kwitabira, ni uburyo busanzwe usanga hari n'abo bugora ariko gahunda yo kubishyira mu ikoranabuhanga bizatugeraho bizorohereza abagorwa n'umwanya kandi bashaka gusoma."

Ibyo avuga bishimangirwa na mugenzi we, Niyonsaba Janvier ukorera mu isomero rihererereye mu Karere ka Rulindo uvuga ko gahunda yo gushyira ibitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga izafasha cyane.

Ati: "Hari abatajyaga bitabira gusoma ariko igitabo nigishyirwa kuri murandasi bizorohereza uwifuzaga gusoma ariko akabura umwanya.

Twatangiye gushyira ibitabo mu majwi mu mwaka washize kugira ngo ubutumwa burimo bugere ku bantu bose kandi mu buryo bworoshye."

Ibitabo byatangirijweho gahunda yo kubikwa mu buryo bw'amajwi bikanashyirwa kuri murandasi ni bitatu birimo ikivuga ku ndangagaciro z'umuco na Kirazira, imyambarire y'Abanyarwanda mu ndorerwamo y'umuco n'iterambere, hamwe n'ikigaruka ku bukwe bwa Kinyarwanda.

Intebe y'Inteko Amb. Robert Masozera, yagaragaje impamvu ari byo byatangirijweho iyo gahunda n'icyo bigamije.

Twaravuze ngo reka tubishyire mu ikoranabuhanga turebe ko byagera kure kurushaho kuko ni ibitabo bikubiyemo ubutumwa u Rwanda rwifuza ko Abanyarwanda bamenya, gusoma igitabo gifite impapuro zigera mu 100 [..]. Iyo kiri mu majwi birihuta ushobora kugisoma umunsi umwe ariko iyo kiri mu buryo bw'impapuro umuntu uzi gusoma bishobora kumutwara icyumweru."

Amb. Masozera akomeza avuga ko kubika ibitabo mu buryo bw'amajwi bikiri urugendo ariko buhoro buhoro bizagenda bikorwa.

Kugeza ubu Inkoranyabitabo y'Igihugu ibitse ibitabo bigera ku 16 330 n'ibinyamakuru bitandukanye birimo Imvaho Nshya, The New Times, Kinyamateka n'ibindi bifatika hamwe n'umurage w'indirimbo 4 095 ndetse n'ibyo bitabo bitatu byiyongereyemo.





KAMALIZA Agnes

# MIGEPROF ishinja itangazamakuru gutiza umurindi ibisenya umuryango

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), irashinja itangazamakuru kwibanda ku nkuru za byacitse zisenya umuryango aho kwibanda ku nkuru ziwubaka.***

Mu kiganiro na RBA, Minisitiri wa MIGEPROF, Uwimana Consolée yashimangiye ko ibikorwa bibi bigaragara mu miryango itabanye neza iyo bivuzwe kenshi mu itangazamakuru bituma indi miryango yari ifite igaruriro igumuka.

Yavuze ko abantu bakora ibidasanzwe ahanini baba bafite ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe, akanenga itangazamakuru ryibanda ku nkuru za byacitse bitwaje ko ari zo zibongerera abafana n'ababakurikira rikirengagiza ko hari n'izindi nkuru nziza zubaka umuryango.

Minisitiri Uwimana agira ati: "Ikibabaje ni uko itangazamakuru iyo umuntu akoze ibintu bidasanzwe mu rwego rwo gushaka abafana (views) inkuru ni byacitse. Abantu babitwara muri byacitse bakerekana ikintu kidasanzwe uwo muntu yakoze akaba ari yo iba nkuru, bikaza kurangira tutamufashije ariko duteye n'abandi bafite ibibazo nk'ibyo, kubona ko bishoboka bakishora muri byo bibi."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima, (RBC) yagaragaje ko kugeza muri Nyakanga 2025, abasaga ibihumbi 44 bagiye kwivuza uburwayi bwo mu mutwe.

Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza yerekanye ko mu mwaka wa 2024/2025 haburanishijwe imanza 2 674 z'abashakanye basaba gutandukana, zivuye ku manza 2 833 mu mwaka wari wabanje.

Minisitiri Uwimana asaba Abanyamakuru guhindura umuvuno bakajya batangaza n'inkuru z'imiryango ibanye neza kuko mu Rwanda ihari kandi y'intangarugero.

Ati: "Mwe muvuga bikagera kure igihe kirageze ngo twongere twumve ko nyuma yo kuvuga inkuru mbi twabonye dukwiye kurenzaho tukerekana n'ibindi bikorwa byiza biri gukorwa. Hari abantu b'inyangamugayo, hari abari kwizihiza imyaka 50 babana, twe kwamamaza ibibi tugerageze tugarure n'umuryango tuwuvuge ibyiza."



**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée yasabye itangazamakuru guteza imbere ibyubaka umuryango**

Icyakora MIGEPROF ivuga ko ugereranyije n'amateka igihugu cyanyuzemo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umuryango uhagaze neza ariko hatabura ingaruka zayo n'ibisigisigi.

Avuga ko hari abantu bakibana n'ihungabana n'ibikomere by'amateka kandi abo na bo baba mu muryango kandi baba bagomba kwitabwaho.

RBC igaragaza ko umuntu umwe muri batanu mu Rwanda aba yarahuye n'ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe. Muri ibyo bibazo birimo ibituruka ku gahinda gakabije, ubwoba bukabije n'ihungabana, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'inzoga n'izindi ndwara zo mu mutwe.

Agahinda gakabije kari kuri 11,9%, ubwoba bukabije ku 8,1%, Ihungabana riri kuri 3,6%, uburwayi bukomeye bwo mu mutwe buri kuri 1,3%, imyitwarire idasanzwe ibangamira abandi muri sosiyete ikaba kuri 0,8%, mu gihe imyitwarire igamisha ku kwiyahura ari 0,5%.

Ni mu gihe raporo zitandukanye zigaragaza ko umubare w'abasaba gatanya wagiye uzamuka vuba aho mu mwaka wa 2016 hakiriwe ibirego 21, mu 2017 biba 69 naho mu 2018 biba 1 311.

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) mu 2019 yerekanye ko imiryango 8 941 yemerewe n'inkiko gutandukana mu gihe mu 2020 inkiko zakiriye ibirego 3 213.

# Abatuye Umujyi wa Kigali bibukijwe kunezerwa barinda ubuzima bwabo

MUTETERAZINA Shifah

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwibukije abawutuye n'abawugenda kwidagadura no kunezerwa mu Minsi Mikuru isoza umwaka bazirikana ko ugiye gutangira bagomba gukora bagatera imbere bityo bakwiye kurinda ubuzima bwabo.***

Mu kiganiro n'itangazamakuru cyabaye tariki 24 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel yibukije abantu ko bakwiye kwishima ariko bakazirikana kubungabunga ubuzima bwabo.

Ati: "Turifuriza Abanyamujyi Noheli Nziza n'Umwaka Mushya Muhire, tuributsa abantu gahunda zisanzweho, iya mbere ni ukirinda ubuzima bakazirikana ko kunywa inzoga cyane n'ibiyobyabwenge bidafite akamaro ahubwo barinda umubiri wabo kuko nyuma y'uyu mwaka tugomba gukomeza tugakora tukiteza imbere."



**Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel yijeje Abanyakigali kuryoherwa n'ibiteganyijwe mu Minsi Mikuru isoza umwaka**

Akomeza abasaba kandi ko bakazirikana gahunda yo gukoresha umuhanda neza izwi nka 'Turindane' ndetse bakirinda urusaku baba abakora ibitaramo cyangwa abajya gusenga.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva yavuze ko byateguwe mu rwego rwo gufasha Abanyakigali kwishimira ibyo bagezeho mu mwaka wa 2025.

Ati: "Mu myaka yatambutse twagiye tubona ko mu Minsi Mikuru isoza umwaka usanga abaturage batuye Umujyi wa Kigali bibaza aho bajya, n'icyo bakora mu rwego rwo kwidagadura ndetse bamwe bakajya hanze yawo, dufatanya n'abasanzwe babikora dutegura aho bajya bakidagadura n'imiryango yabo mu minsi y'ibiruhuko."

Kuva ku itariki ya 24 Ukuboza kugeza mu ntangiriro z'umwaka mushy awa 2026, hateganyijwemo filimi, ibitaramo, urwenya n'ibindi bifasha abatuye Umujyi wa Kigali kwidagadura.



**Abanyakigali bateguriwe ahantu n'ibizabafasha kwizihiza Noheli n'Ubunani neza**

# Inkomoko n'amateka ya Noheli



Noheli ni umunsi hazirikanwa ivuka rya Yesu Kirisito Yezu Kirisitu

NYIRANEZA Judith

***Noheli ni ijambo ry'Igifaransa 'Noël' rikomoka ku kilatini natalis dies, aho kalendari za kera zasobanuraga umunsi w'Ivuka rya Yesu Kirisito/ Yezu Kirisitu. Yaturutse ku nyito y'Ikilatini natalis, biva kuri nascor/natus bivuga kuvuka, hamwe na dies bivuze 'umunsi'.***

Mu Cyongereza, iri jambo ni inyunge rigizwe na "Christ" na "Mass", aho rikomoka ku cyongereza cya kera "Christemass" nabyo biva ku cya kera cyane "Cristes mæsse", rikaba rikomoka mu Kigereki n'Ikilatini, aho "Cristes" bikomoka ku Kigereki "Christos" na"mæsse" rikava ku Kilatini "missa"

Noheli ni umunsi mukuru wa gikirisitu ukomoka mu Baroma wizihiza ivuka rya Yesu Kristo. Umunsi mukuru wa Noheli uba nyuma gato y'igihe cy'imbeho, ukaba ufitanye isano n'amateka. Kubera ko umunsi mukuru wa Noheli wakwiriye ku Isi, ubu watandukanye n'ishingiro ry'idini ryawo mu bihugu byinshi by'Iburengerazuba, ariko ukomeza kubaho nk'umunsi mukuru gakondo.

Washinzwe ku ya 25 Ukuboza mu kinyejana cya 4 mu gihe cy'Ubwami bw'Abaroma kandi ukwirakwira buhoro buhoro mu Burayi no mu gace ka Mediterane.

Umunsi mukuru wa Noheli wagiye usimbuza iminsi mikuru itandukanye ifitanye isano n'umunsi mukuru w'Abadage wa Yule, umunsi mukuru wa Mithras, Saturnalia y'Abaroma n'ibindi. Kristo agaragazwa nk'Izuba rimurikira igihe gishya.

Inkuru y'Ivanjiri ku ivuka rya Yesu yamaze ibinyejana byinshi ikoreshwa nk'ishingiro ry'umurage w'ubuhanzi ukungahaye urimo gutera amabara, ibishushanyo, umuziki, ubuvanganzo wakwirakwije ishusho y'ivuka rya Yesu mu kinyejana cya 13, ishinzwe na Mutagatifu Fransisiko wa Asizi.

Imbuto z'indi migenzo ifitanye isano n'izuba ntizari zarazimye burundu. Bityo, igiti cy'Abadage mu majyaruguru cyari ikimenyetso cy'ubuzima bw'ibidukikije nubwo hari mu gihe cy'itumba, cyahawe icyubahiro kuva mu kinyejana cya 16 ndetse kigera no mu matorero nk'ikimenyetso cy'igihe cya Noheli, gihurirana n'ihinduka ry'u Burayi mu gihe cy'iterambere.

Noheli uretse kuba umunsi mukuru wa gikirisitu, yaje kuba umunsi warushijeho kwita ku bana, imiryango ndetse n'uwimpano mu kinyejana cya 20.

Kuva hagati mu kinyejana cya 20, Noheli yagiye irushaho gukwira ku Isi kandi yafashe isura y'umuco, ntiyakomeza kuba igifite isano n'umunsi mukuru w'idini.

Umunsi wa Noheli ni umunsi mukuru rusange mu bihugu byinshi, wemerera imiryango guteranira hamwe basangira ifunguro ry'ibirori no guhana impano munsi y'igiti gakondo cya Noheli.

Umunsi ukurikira Noheli, ku ya 26 Ukuboza ni umunsi mukuru mu bihugu byinshi byo mu majyaruguru y'u Burayi nka Polonye, u Bwongereza, u Buholandi, n'ibihugu byo muri Scandinavie, ndetse no mu Bufaransa, byemerera abizihiza uwo munsi mukuru mu buryo bwawo bw'idini kwitabira Misa ya Noheli.

Nyuma ya Pasika, Noheli ni umunsi mukuru wa kabiri ukomeye mu ngengabihe ya liturujiya ya gikirisitu, ivuka rya Yezu ni rimwe mu minsi mikuru cumi n'ibiri ikomeye ya Orotodogisi.

Noheli ni umwe mu minsi mikuru itatu yizihizwa na Kiliziya Gatolika, indi ibiri ni iya Yohani Batisita ku ya 24 Kamena n'iya Mariya ku ya 8 Nzeri.

Igihe cyegereje Noheli cyitwa igihe cy'iminsi mikuru muri Canada (ahakoreshwa ururimi rw'Igifaransa) n'iminsi mikuru y'impera z'umwaka mu Burayi, ibyo birori by'Umwaka Mushya birangwa n'amatara ku mihanda, ku nzu, n'amaduka. Ni igihe cy'ingenzi mu bucuruzi.

Nubwo bwose abakirisitu/ abakirisito bizihiza umunsi w'amavuko wa Yezu ku italiki 25 ukuboza, abahanga bagaragaza ko Yesu atavutse kuri iyi tariki kubera ko umunsi wa Noheli ngo waba waremejwe kugira ngo uhurirane n'imboneko z'ukwezi kwa mbere kw'itumba (winter solstice) kuko abaromani bawizihizaga ku itariki 25 Ukuboza buri mwaka. Byaturutse ku munsi wizihizwaga mu muco w'Abaromani witwaga 'Dies Natalis Solis Invicti', bivuze izuka ry'izuba ridatsindwa".



Kuri Noheli hirya no hino ku bayizihiza usanga bakoze imitako ijyanye n'uwo munsi mukuru





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Gukwirakwiza ikibi bisenya umuryango*

Mu myaka itanu ishize igihe Isi yibasirwaga na virusi ya COVID-19, u Rwanda ruri mu bihugu byahise bishaka amakuru yihuse kuri iyo virusi ndetse rufata n'ingamba zikakaye zigamije gukumira ikwirakwira ry'iyo virusi yari ifite ubukana inakwirakwira nka serwakira.

Imyiteguro yo kuyivura yaje ikurikira iyo kwirinda, cyane ko Umunyarwanda yagize ati: "Kwirinda biruta kwivuza." Nk'uko bimeze ku buvuzi bw'umubiri ni na ko bimeze ku gusigasira umuryango, kuko ikibi cyose kiwugezeho gikwira nka virusi igihe nta ngamba zihamye zo kugikumira no kukirandura.

Mu gihe Isi itera imbere mu ikoranabuhanga, ibyago bibaye hamwe bihagarika imitima abatuye Isi hafi ya bose kuko ababasha kurikoresha babona amakuru yihuse kandi avugwa cyangwa akakirwa mu buryo butandukanye.

Ni kenshi tubona imyigaragambyo yabaye mu gihugu kimwe cya Afurika, bugacya no mu kindi hadutse indi isa na yo kuko abantu basa n'abakanguwe n'iby'abandi bakoze ahanini batabanje kugenzura ingaruka biteza cyangwa ibyago bishobora guteza mu buryo bw'umwihariko.

Ni na ko imvugo z'urwango, urukozasoni, urugomo, amacakubiri n'ibindi bisenya umuryango byihuta by'umwihariko iyo bitijwe umurindi n'itangazamakuru cyangwa imbuga nkoranyambaga.

Mu gihe abantu bose batanganya ubushobozi bwo gusesengura ibyo bakira bivuye muri bagenzi babo cyangwa mu bitangazamakuru, buri wese ugiye kuvuga cyangwa gukora ikibi akwiye kumenya ko asenya abandi na we atisize, kuko ingaruka zacyo zikwira nka serwakira.

Nk'uko ikibi cyandura ni na ko icyiza na cyo gikwira iyo gihawe intebe kandi kikanakwirakwizwa mu nzira zinyuzwamo ibibi ngo bikwire. Ikibazo ni uko ibibi iyo bihawe intebe byiganza kurusha ibyiza, cyane ko bica igikuba kuri bamwe ku bandi bikabahindukira nk'uburozi.

Guhagarika ikibi ni uruhare rwa buri wese, kandi birashoboka igihe abantu bose bahuje umugambi wo kukirwanya, by'umwihariko bihereye ku bayobozi basabwa gushyiraho ingamba n'amategeko akora nk'uruzitiro ruhana ugerageza kuyarenga.

Igihe cyose ubuyobozi bwirengangiza gukora iyo nshingano ikomeye, cyangwa se na bwo bukaba ku ruhembe rw'imbere mu gukwirakwiza ikibi, abayoborwa bahora mu mwijima ndetse n'abagerageza guharanira icyiza bakarwanywa.

# Kutita ku buziranenge bw'umusaruro w'ubuhinzi byababateje igihombo



Urubyiruko rukora ubuhinzi n'ubworozi rutaka igihombo ruterwa no kutamenya ibyerekeranye n'ubuziranenge

MUTETERAZINA Shifah

***Bamwe mu rubyiruko rukora ubuhinzi bw'imiteja n'urusenda bavuga ko bwabahomberaga kubera kutamenya ko ari ngenzi kwita ku buziranenge bw'umusaruro w'ibihingwa byabo.***

Abavuga ibi ni urubyiruko rugera kuri 340, rukora ubuhinzi n'ubworozi rufite inganda nto n'imishinga igera kuri 62 yashyizwe muri gahunda ifashwa n'umushinga wa 'Serve' ushyirwa mu bikorwa n'umuryango DUHAMIC-ADRI.

Babigarutseho ku wa Gatatu tariki 24 Ukuboza 2025, mu nama yabahuje n'inzego zitandukanye zifite mu nshingano kubungabunga umusaruro n'ubuziranenge bwawo.

Uwanyirigira Gaudence ukorera ubuhinzi bw'urusenda mu Karere Nyamagabe, avuga ko atari azi ko bishoboka ko yakwandikira Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) agisaba ubujyanama mu kwimakaza ubuziranenge mu buhinzi.

Ati: "Amakuru ntari nzi ni uko ushobora kuba wasaba RSB bakaba baza kugusura uwo ari we wese, nibwiraga ko hari ubuso bw'ubutaka runaka baheraho cyangwa intera waba ugezeho, ariko namenye ko uwo uri we wese bagusura.

Mbere ngihinga ibigori, nigeze gukoresha ifumbire nabi, ibigori birababuka, icyo gihe nahombye umusaruro, mbajije bambwira ko nakoresheje nabi ifumbire, ariko ubu namenye ko atari buri fumbire iba yuzuje ubuziranenge."

Uwitwa Nsabimana Jean Marie Vianey ukorera ubuhinzi bw'imiteja mu Karere ka Rulindo, avuga ko we yari azi ko kwita ku buziranenge bireba abafite inganda zikora ibinyobwa.

Ati: "Njye narinzi ko iby'ubuziranenge bireba ziriya nganda zirirwa zikora ibinyobwa, sinarinzi ko n'abahinzi bitureba. Batwigishije ko hari imiti yemewe n'itemewe ariko twe twabonaga umuti tugatera ku gihingwa, none twamenye ko hari iyo wateraho umusaruro wawe ntibawutware."

Umuyobozi w'imigendekere myiza y'imishinga (Progarams Manager) muri DUHAMIC-ADRI Habimana Théogène, avuga ko batumije bamwe mu rubyiruko rukora ubuhinzi n'ubworozi, kugira ngo bagirwe inama ku bijyanye no kwita ku buziranenge bw'ibyo bakora.

Yagize ati: "Twabahuje uyu munsi mu gikorwa cy'ingenzi, aho tugamije ko urubyiruko ruri mu buhinzi by'umwihariko abakora ibijyanye n'uruhererekane nyongeragaciro mu byo bakora, hakenerwa abantu batandukanye barimo abaguzi, n'abashinzwe ubuziranenge. Uyu munsi barahura n'abashinzwe iby'ubuziranenge basobanukirwe icyo basabwa."

RSB isanganywe gahunda ya 'Zamukana Ubuziranenge' yashyiriweho ibigo bito n'ibiciriritse mu rwego rwo kubifasha kubona ibirango by'ubuziranenge, aho ba nyirabyo bandika basaba gusurwa, hagasuzumwa niba koko icyo cyangombwa bagikwiye.

Umuyobozi mukuru ushinzwe uruhererekane nyongeragaciro muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Alice Mukamugema, yasabye urubyiruko gushyira imbaraga mu byo bakora bakihaza, bakanahaza isoko.

Ati: "Urubyiruko rukora imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi, barasabwa gushyira imbaraga mu byo bakora, bakabikora bumva ko ari wo mwuga wabo, kandi bakumva ko hari umusanzu barimo gutanga mu guteza mbere Igihugu binyujijwe mu buhinzi n'ubworozi."

Ikindi bakwiye kwita ku buziranenge bw'umusaruro wabo kuko nkuko bizwi ibyo duhinga biribwa mu gihugu ariko turashaka no kongera ibijya hanze tukongera amadovize "

Serve ni umushinga ushyirwa mu bikorwa na DUHAMIC-ADRI, ugaterwa inkunga na Master Card Foundation muri gahunda yo guherekeza urubyiruko rukora ubuhinzi n'ubworozi hamwe n'ibijyanye n'inyongeragaciro muri gahunda yo guteza imbere ibikorwa byabo.

Leta y'u Rwanda ibinyujije muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ifite gahunda yo gukuba inshuro zirenga icumi ibyoherezwa mu mahanga ugereranyije n'ibyoherezwaga mu 2024.

# Abanyarwanda bemerewe kujya mu Budage bakoreye ikizamini mu Rwanda

UBWANDITSI

***Abanyarwanda bifuza kujya kwiga, gukora cyangwa gutura mu Budage bongeye kubona amahirwe, nyuma y'uko Ishuri ry'Abadage ry'Indimi mu Rwanda (Der Sprachen Hub) riherewe uburenganzira bwo gutanga ibizamini bitanga Icyemezo cy'u Burayi ku bize ururimi rw'Ikidage (European Consortium for the Certificate of Attainment in Modern Languages/ ECL) mu Rwanda.***



**Abanyarwanda bifuza kujya kwiga, gukora cyangwa gutura mu Budage bongeye kubona amahirwe, kuko hari iIshuri ry'Abadage ry'Indimi mu Rwanda**

Ibi byatangajwe n'Umuyobozi wa Der Sprachen Hub mu Rwanda, Mwizerwa Mulisa, mu kiganiro n'abanyamakuru avuga ko guhabwa uburenganzira bwo gutanga ibizamini bya ECL mu Rwanda bishingiye ku cyizere u Budage bufitiye u Rwanda, gishingiye ku miyoborere myiza irangwa n'ubunyangamugayo n'ubwiza bw'akazi.

Yagize ati: "Icyadufashije kugirirwa icyizere ni intambwe Igihugu cyacu kimaze gutera mu miyoborere myiza ishingiye ku bunyangamugayo n'ubunyamwuga, kuko n'ibizamini bya ECL bisaba by'umwihariko izi ndangagaciro."

Yakomeje asobanura ko gutangiza ibizamini bya ECL mu Rwanda bigamije korohereza no gufungurira amahirwe abantu bifuza kujya mu Budage, aho mbere byasabaga kujya mu mahanga kubikorerayo.

Ati: "Ubu burenganzira Der Sprachen Hub yahawe buje gukuraho imbogamizi ku bashakaga kujya gukora ibizamini bya ECL mu mahanga, bityo bikorohera Abanyarwanda kubona amahirwe yo kwiga, gukora cyangwa gutura mu Budage ndetse no mu bindi bihugu bisaba ubumenyi bw'ururimi rw'Ikidage."

Umuyobozi wa Der Sprachen Hub mu Rwanda yanavuze ko ikizamini cya ECL cy'ururimi rw'Ikidage cyoroshye gusobanukirwa, kandi giteguwe ku rwego rw'ibyo abiga Ikidage baba bategereje, bikabafasha kwipima neza mu bushobozi bwabo.

Ikizamini cya ECL mu Kidage ni ikizamini giteguwe mu buryo bumwe (standardisée), gipima ubumenyi rusange mu rurimi, burimo gusoma, kwandika, kumva no kuvuga.

Ibizamini bya mbere bya ECL biteganyijwe kubera mu Rwanda tariki ya 6 Gashyantare 2026, mu gihe kwiyandikisha byatangiye tariki ya 8 Ukuboza 2025 bikazarangira tariki ya 6 Mutarama 2026.

Der Sprachen Hub ni ishuri ryigisha ururimi rw'Ikidage ndetse rikanatanga ibizamini bya ECL. Uretse mu Mujyi wa Kigali, rikorera no mu Karere ka Huye na Musanze, rikaba riteganya no gufungura ishami rishya i Rubavu. Kugeza ubu, rifite abanyeshuri barenga 200 biga mu mashami atandukanye hirya no hino mu gihugu.

# Mahama: Impunzi z'Abarundi zarangije amasomo y'ubukorikori

KAYITARE Jean Paul

***Zimwe mu mpunzi z'Abarundi zicumbikiwe mu nkambi ya Mahama mu Karere ka Kirehe mu Ntara y'Iburasirazuba, zarangije amasomo y'icyiciro cya kabiri mu bijyanye n'ubukorikori bw'impu binyuze muri gahunda ya Made in Rwanda.***

Ni amasomo yibanze ku gukora ibikomoka ku mpu, harimo inkweto, imifuka n'ibindi bikoresho bifite isoko mu gihugu no hanze yacyo.

Minani Richard na Tuyisenge Jannine, bavuga ko amahirwe bahawe afite agaciro gakomeye mu buzima bwabo. Babigarutseho ku wa Mbere tariki 22 Ukuboza 2025, ubwo bahabwaga impamyabumenyi zigaragaza ko barangije amasomo ajyanye no gukora ibikomoka ku mpu.

Minani agira ati: "Nyuma yo kuduha ubuhungiro, Leta y'u Rwanda yongeye kudufasha iduha amahirwe yo kwiga imyuga.

Ubumenyi twungutse buzadufasha kwihangira imirimo no kwiteza imbere. Turashimira cyane Perezida Paul Kagame n'igihugu cy'u Rwanda ku rukundo n'icyerekezo batugaragarije."

Tuyisenge Jannine na we uri mu bahawe impamyabumenyi, ahamya ko amasomo yahawe yamufunguye amaso bityo akabona icyerekezo cy'amahirwe yo kwigira no kwiyubaka.

Ati: "Twishimiye cyane izi mpamyabushobozi (Certificates) duhawe. Ibi twize bizadufasha kwibeshaho, kwigirira icyizere no gutegura ejo hazaza heza. Turabona ko iterambere u Rwanda rwifuriza abenegihugu barimo no kudufasha natwe nk'impunzi."

Abahawe impamyabushobozi bahuriza ku kuba biteguye gushyira mu bikorwa ubumenyi bahawe, kandi bagakorana n'abandi ndetse bakagira uruhare mu iterambere ry'aho batuye, nubwo bari mu buhungiro.

Ishyirahamwe rihuza abakora ibikomoka ku mpu mu Rwanda (Rwanda Leather Association, RLA) ryatanze amasomo, rivuga ko ari amasomo yatanzwe mu rwego rwo gufasha impunzi kubona ubumenyi bubafasha kwihangira imirimo no kwigira mu buryo burambye.

Jean D'Amour Kamayirese, Perezida wa RLA, avuga ko u Rwanda rukomeje kugaragaza indangagaciro zo gufasha no gufatanya n'abandi, hatitawe ku nkomoko yabo.

Ati: "U Rwanda ni igihugu gifite umutima wo kwakira no gufasha. Ibi dukora ni bimwe mu byo twatojwe n'Indangagaciro z'igihugu n'icyerekezo cyashyizwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Kwakira impunzi zaduhungiyeho si ukubaha icumbi gusa, ni no kubaha ubumenyi bubafasha kwihangira imirimo no kwigira. Ibi ni ikimenyetso cy'uko u Rwanda rufite icyemezo cyo kubana neza n'abaturanyi no kubafasha gutera imbere."

Ubumenyi mu bijyanye n'impu bufite amahirwe menshi ku isoko. Kamayirese asaba abasoje amasomo gukomeza gushyira mu ngiro ibyo bigishijwe, bakabyaza umusaruro impano n'ubumenyi bahawe.

U Rwanda rushyize imbere politiki yo guteza imbere amasomo y'ubumenyingiro, aho kugeza mu 2029 mu Turere twose 'hazashyirwayo nibura ikigo cy'icyitegererezo mu myuga n'ubumenyi ngiro (TSS Centers of Excellence).

RTB igaragaza ko 86% by'abasoza amasomo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro babona akazi nibura nyuma y'amezi atandatu basoje amasomo.

Raporo ya Banki y'Isi yasohotse muri Nzeri 2024 igaragaza ko abakoresha barenga 60% banyuzwe n'ubumenyi abavuye mu mashuri ya TVET bajyana ku isoko ry'umurimo.


**Impunzi z'Abarundi zicumbikiwe mu nkambi ya Mahama basoje amasomo mu bijyanye n'ubukorikori bw'impu, bahawe impamyabushobozi**





# Iterambere ry'imibereho mu nkambi ya Kiziba nyuma yo kugabanyirizwa inkunga


**Abahawe ibikoresho kuri nkunganire bishimira ko byababereye isoko y'iterambere ry'ubucuruzi bakora mu nkambi**

ZIGAMA Theoneste

***Impunzi z'Abanyekongo ziba mu nkambi ya Kiziba mu Karere ka Karongi, zivuga ko gahunda za Leta y'u Rwanda zigamije guteza imbere kwigira kwazo (self-reliance) zabafashije kwihanganira igabanyuka ry'inkunga z'ubutabazi zitangwa n'amahanga, bigabanya ingaruka z'izo mpinduka yatangiye mu 2023.***

Iyo nkunga iri mu murongo mugari wa Leta wo gufasha impunzi kwihangira imirimo irambye ibafasha kwibeshaho, mu gihe inkunga y'amafaranga yatangwaga n'abafatanyabikorwa mu iterambere igenda igabanyuka, no kugabanya kwishingikiriza ku mfashanyo mu gihe kirekire.

Mu 2023 ni bwo inkunga yatangwaga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) n'Ishami ryita ku Biribwa ku Isi (WFP) yagabanyijwe.

Inkunga ya buri kwezi yaragabanyutse iva ku 8 600 Frw igera ku 5 600 Frw ku mpunzi zo mu cyiciro cya mbere, iva ku 5 600 Frw igera ku 2 800 Frw ku zo mu cyiciro cya kabiri, naho ku mpunzi zo mu cyiciro cya gatatu zafatwaga nk'izishoboye kwibeshaho, inkunga irahagarikwa burundu.

Impunzi zivuga ko iri gabanyuka ryagize ingaruka zikomeye ku mibereho yazo, zikavuga ko n'iyo nkunga ubundi yari isanzwe idahagije mu kuzuza ibikenerwa by'ibanze.

Umukozi ushinzwe kurengera impunzi muri Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Muhayemariya Adrie, yavuze ko Leta yashyize imbaraga mu kongera gahunda zigamije guteza imbere impunzi kugira ngo zibesheho.

Yagize ati: "Gahunda ya Leta yo gufasha abantu kwigira iri gushyirwa mu bikorwa mu nkambi ya Kiziba hagamijwe gukura impunzi mu bukene."

Inkambi ya Kiziba icumbikiye impunzi z'Abanyekongo zirenga 14 000 mu zisaga 130 000 zicumbikiwe mu nkambi zitandukanye mu Rwanda, benshi muri bo bahungiye mu Rwanda kuva mu mwaka wa 1996.

Mu rwego rwo gufasha impunzi kubona amikoro, MINEMA ku bufatanye n'imiryango irimo Practical Action n'Ikigo cy'u Budage gishinzwe ubufatanye mpuzamahanga (GIZ), yahuje impunzi n'abatanga ibikoresho bitangiza ibidukikije birimo imashini zidoda, firigo, televiziyo n'amatara akoresha imirasire y'izuba n'ibindi.

Ibyo bikoresho bitangwa ku giciro gito kiriho nkunganire gifasha impunzi gutangiza cyangwa kwagura imishinga mito iciriritse.

Umwe mu bungukiye muri iyi gahunda witwa Umwiza Chantal, yabonye firigo ikoresha imirasire y'izuba ifite agaciro ka miliyoni 2.6 Frw, ayishyura mu byiciro.

Yavuze ko iyo firigo yamufashije gukurura abakiliya benshi mu kabari ke.

Yagize ati: "Natangiye n'igishoro cya 100 000 Frw, ubu kigeze kuri 400 000 Frw. Imibereho iragenda irushaho kuba myiza."

Ku ruhande rwa Mukerarugo Beatrice, igabanyuka ry'inkunga ryatumye umuryango we utakaza inkunga ya buri kwezi ya 21 000 Frw.

Yavuze ko ubuzima bwari bugoye kugeza ubwo yabonye imashini itunganya imyumbati ifite agaciro ka 60 000 Frw, akaba yarayiguze ku giciro kiriho nkunganire cya 25 000 Frw, anubakirwa n'igikoni gifite umuriro w'amashanyarazi.

Yagize ati: "Ubu nshobora kwakira abakiliya batanu ku munsi, buri wese anyishyura 4 000 Frw. Mbere abantu bagombaga kujya ku Kibuye gushaka ifu y'imyumbati kuko mu nkambi nta muriro w'amashanyarazi wari uhari."

Umuyobozi w'Inkambi ya Kiziba Nsengamungu Albert Methode, yavuze ko guteza imbere ibikorwa remezo byagize uruhare runini mu gufasha impunzi kwiteza imbere mu mibereho yazo.

Yagize ati: "Amashanyarazi, umuhanda wa kaburimbo wageze mu nkambi, n'izindi serivisi, ni umusaruro w'ubuyobozi bw'Igihugu cyabacumbikiye, bwita ku mutekano kandi bugaragaza ubumuntu."

Ushinzwe gukurikirana imishinga muri Practical Action Muhire Evariste, yavuze ko ibikorwa by'uyu muryango byayobowe n'ihame ryo gushyigikira iterambere ridaheza.

Yagize ati: "Ntibyaba bikwiye ko iterambere rigera ku Banyarwanda gusa, mu gihe impunzi zisigara inyuma."

Nk'uko Muhire yabivuze, uwo muryango wamaze kugeza amashanyarazi ku ngo zirenga 900, ugenera ingo 1 411 amashyiga atangiza ibidukikije, ndetse unafasha abagore 70 gutangiza imishinga, babaha ibikoresho birimo firigo, imashini zo kogosha no gutunganya imisatsi, ndetse na televiziyo zikoresha imirasire y'izuba.

Uretse mu nkambi ya Kiziba, u Rwanda rukomeje kwagura gahunda zo kwinjiza impunzi mu bikorwa by'iterambere mu gihugu hose.

UNHCR na Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) bafitanye Gahunda Ihuriweho y'Ibikorwa by'Igihugu ya 2025-2027, igamije kongerera impunzi ubushobozi bwo kwigira no kuzinjiza mu nzego zitandukanye z'iterambere mu byiciro bitanu by'ingenzi, birimo ingufu, guteka hifashishijwe ikoranabuhanga ritangiza ibidukikije no kubona amashanyarazi yo ku muyoboro rusange w'Igihugu.

Kugeza muri Nzeri 2024, u Rwanda rwari rucumbikiye impunzi zirenga 130 000, inyinshi muri zo zituye mu nkambi eshanu z'ingenzi ari zo Kiziba, Nyabiheke, Kigeme, Mugombwa na Mahama, zimwe zikaba zimaze hafi imyaka 30 zihaba.

Gahunda ziyobowe na Leta zirimo umushinga wa miliyoni 80 z'amadolari y'Amerika wo Kwinjiza mu Bukungu no mu Mibereho Imiryango y'Impunzi n'iy'Abaturage bazicumbikiye (SEIRHC), uzwi nka Jya Mbere, ziteza imbere kwihangira imirimo, amakoperative n'imishinga mito iciriritse ku mpunzi n'abaturage bazituriye.

Hari kandi gahunda ya Financial Inclusion for Refugees (FI4R) igamije kwagura uburyo impunzi zigera kuri serivisi za banki, inguzanyo z'ikoranabuhanga n'ubumenyi mu by'imari ku mpunzi zigera ku 100 000.

U Rwanda kandi rwinjije impunzi mu nzego z'igihugu zitandukanye zirimo uburezi, ubuvuzi n'ubwiteganyirize bw'imibereho, bishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo mu 1951 yerekeye impunzi.

Abana b'impunzi biga mu mashuri ya Leta, naho impunzi zikaba zibarizwa muri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de Santé/MUSA).

Binyuze muri izi gahunda, inzego zibishinzwe zivuga ko icyerekezo kiri guhinduka kiva ku butabazi bwihutirwa kijya ku kwihangana kw'igihe kirekire, hagamijwe gufasha impunzi kongera kwiyubaka mu buzima zifite icyubahiro, nubwo inkunga z'ubutabazi zikomeje kugabanyuka.


**Impunzi zigishijwe imyuga izifasha kwigira**

# Abagore bafite Ubumuga bwo kutabona bishimira intambwe bamaze gutera




**Dr. Mukarwego Betty, Perezidante w'Ubumwe Nyarwanda bw'Abatabona**

**UBWANDITSI**

***Abagore batandukanye bafite Ubumuga bwo kutabona bo mu mashyirahamwe 64 y'abafite Ubumuga bwo kutabona mu gihugu hose bishimira intambwe bamaze gutera mu myaka 30 ishize. Bagaragaza ko hari aho bavuye n'aho bageze kandi ko hashimishije***

Nubwo hari ibyo bishimira bagaragaza ko hari ibindi bikibabangamiye birimo n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Dr. Mukarwego Betty, Perezidante w'Ubumwe Nyarwanda bw'Abatabona (Rwanda Union of the Blind, RUB), avuga ko kuva RUB yatangira ibikorwa, Umugore ufite ubumuga bwo kutabona hari aho ageze ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona muri rusange bakaba barongerewe ubushobozi ku buryo bufatika.

Ashima Perezida wa Repubulika Paul Kagame wahaye agaciro umugore na we akaba afite ijambo, bitandukanye no mu bihe byashije.

Ati: "Umugore yari umuntu uhezwa utajya mu bandi noneho byagera ku bafite ubumuga bikaba agahomamunwa. Ntitwabashaga kwiga cyangwa guhabwa uburenganzira nk'ubw'abandi ariko ubu dufite ijambo kandi turanashoboye."

Yihereyeho ubwe, atanga urugero ko afite impamyabumenyi y'Ikirenga kandi afite ubumuga bwo kutabona, yongeraho ko kuba afite ubumuga bwo kutabona bitamubuza kuba ari umwarimu muri Kamuza y'u Rwanda mu Ishami ry'Uburezi.

Donatha Uwitonze, umuyobozi mu Nama y'Igihugu y'Abagore, agaragaza ko umugore ufite ubumuga bwo kutabona yateye imbere. Avuga ko abagore bafite ubumuga ari bamwe mu bagize Inama y'Igihugu y'Abagore kuko bari mu bayifasha kubahiriza inshinga zayo.

Yibutsa umuntu ufite ubumuga bwo kutabona kurenga amateka yo gusuzurwa.

Ati: "Buriya iyo witeje imbere uba uteje imbere Igihugu. Kera ikiranga umuntu utabona byari ugusabiriza, ariko uyu muco urimo uracika kubera ko abagore bubakiwe ubushobozi."

Abasaba gutinyuka bakiyumvisha ko bafite ubushobozi kandi ko bari no myanya y'Ubuyobozi ikomeye idapfa kugerwamo n'ubonetse wese.

Nagasanzwe Olive wo mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Mukura, avuga ko kugeza ubu nubwo hari byinshi byakozwe ngo umugore ufite ubumuga agire ijambo ariko hari byinshi bigikwiye gukemuka.

Asaba Inama y'Igihugu y'Abagore kubakorera ubuvugizi kugira ngo abafite Ubumuga mu bihe by'amatora by'umwihariko amatora y'inzego z'abagore, ko na bo bakwiye kwemererwa kwiyamamaza mu byiciro byose badashyizwe mu byiciro by'abafite ubumuga gusa.

Atanga urugero rw'uko yiyamarije umwanya mu nzego z'abagore ariko akabwirwa ko kuba afite ubumuga bo baziyimamariza mu cyiciro cy'abafite ubumuga.

Ati: "Icyo gihe natahanye ipfunwe, rwose birakwiye ko mwadukorera ubuvugizi icyo nacyo kigahinduka mu myumvire."

Umuhuzabikorwa wa Isange One Stop Centre, Shafiga Murebwayire asobanura ko abagore bafite ubumuga bwo kutabona bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abibutsa ko kuba batabona badakwiye guhishira ihohoterwa bakorerwa.

Ati: "Buri wese akwiye gutanga amakuru kugira ngo afashwe. Nimwifashishe telefoni mutange amakuru yose ajyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina."

Mu gusoza iri huriro, Mugisha Jacques, Umuyobozi Nshingwabikorwa wa RUB, asanga inzego zitandukanye zirimo Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) n'Inama y'Igihugu y'Abagore gushyira hamwe hagamijwe gukomeza gushakira ibisubizo abagore bafite ubumuga bagihura n'ihohoterwa, abimwa uburenganzira bwabo n'ibindi.



**Abafite ubumuga bwo kutabona bishimira intambwe imaze guterwa, ariko bakifuza ko banarushaho kurindwa ihohoterwa**





# BRD yabonye Umuyobozi Mukuru Mushya



**Stella Rusine Nteziryayo yagizwe Umuyobozi Mukuru mushya wa Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere (BRD)**

**KAMALIZA Agnes**

***Stella Rusine Nteziryayo yagizwe Umuyobozi Mukuru mushya wa Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere, (BRD) asimbuye Kampeta Pitchette Sayinzoga, usoje manda ye y'imyaka itandatu.***

Nteziryayo, yagizwe Umuyobozi Mukuru wa BRD, asanzwe ari umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi ya BRD, akaba afite ubunararibonye mu bijyanye n'imicungire n'imikorere y'ibigo by'imari, kugenzura inguzanyo no kubaka ubukungu buhamye bw'inzego, ndetse yakoze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi nk'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu.

Raporo zitandukanye zasohotse mu myaka yatambutse zagaragaje ko BRD yongereye umutungo wayo mu by'imari, itanga inguzanyo z'igihe kirekire mu rwego rw'ubukungu aho ibyo byatumye umutungo wayo uzamuka uva kuri miliyari 157 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2019, ugera kuri miliyari 1 000 Frw mu 2025.

BRD yungutse miliyari 22 Frw ndetse yongera n'inguzanyo ziva kuri miliyari 167 Frw zigera kuri miliyari 710 Frw.

Iyo mibare ishimangira ko BRD yinjiye mu nyungu zihamye, yongera ubushobozi mu kubona inkunga ituruka mu bashoramari Mpuzamahanga harimo n'inguzanyo ya miliyari 36 Rwf, iherutse gutangwa na Banki y'Abarabu y'Iterambere ry'Ubukungu muri Afurika (Arab Bank for Economic Development in Africa (BADEA), igamije gushyigikira imishinga mito n'iciriritse (SMEs).

Binyuze muri BRD kandi muri Kanama 2025, BADEA yasinyanye n'u Rwanda amasezerano y'inguzanyo ya miliyoni 45 z'amadolari y'Amerika agamije ibikorwa by'iterambere.

BRD yanafashije ingo zirenga 510 000 kubona amashanyarazi binyuze muri gahunda ya 'Cana Uhendukiwe', ndetse abarenga 300 000 babona imirimo.



**Abarimu 139 b'Abanyazimbabwe baje gufasha abarimu b'u Rwanda kwigisha amasomo atandukanye bityo na bo bazajye kwigisha mu mahanga**

# U Rwanda rurifuza kohereza abarimu gutanga ubumenyi mu mahanga

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yizeye ko binyuze mu bufatanye bw'u Rwanda na Zimbabwe mu kwigisha abarimu, ruzageza igihe rukagira abashoboye ku buryo na bo bazatanga ubumenyi mu bindi bihugu bigifite intege nke.***

Byagarutsweho n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Irere Claudette, ku wa Mbere tariki ya 22 Ukuboza 2025, mu Karere ka Bugesera, aho u Rwanda rwakiraga icyiciro cya kabiri cy'abarimu 139 baturutse mu gihugu cya Zimbabwe baje gufasha abarimu n'abanyeshuri barwo kumenya Icyongereza, amasomo atandukanye y'ikoranabuhanga, imibare, n'andi ajyanye n'ubumenyi ngiro.

Ni abarimu bazigisha mu mashuri abanza, ay'isumbuye na Kaminuza bitanga amasomo atandukanye ajyanye n'Icyongereza siyansi n'ubumenyi ngiro.

Irere yabwiye itangazamakuru ko abarimu bo muri Zimbabwe nyuma y'aho batangiye kuza mu Rwanda kuva mu 2022, bafashije ab'u Rwanda ku buryo bugaragara.

Yashimangiye ko ubwo bufatanye bw'ibihugu byombi mu burezi bukomeje gusigasirwa aho intego ari uko buzasigira u Rwanda abarimu bashoboye ku buryo bazatanga ubumenyi no mu bindi bihugu bifite intege nke muri urwo rwego.

Yagize ati: "Ibihugu bya Afurika ntabwo bimenyerewe mu gukorana bahana abafite ubunararibonye.Turashaka kongera imbaraga mu mashuri yacu yigisha uburezi, twari dusanganywe abarimu [Abanyazimbabwe] 157, bigisha abandi barimu, ubu noneho hiyongereyeho 139."

Yakomeje agira ati: "Aba barimu baba barimo abanyamategeko, ab'ikoranabuhanga, imbaraga nyishi tuzishyira mu mashuri yigisha abandi barimu kugira ubumenyi na bo bwisumbuye. Bamenyere, bavuga ururimi rw'Icyongereza kandi bamenyere n'ibyo bigisha kuko ntabwo bazajyana Ikinyarwanda mu mahanga.

Noneho na bo igihe nikigera, twifuza ko natwe noneho tuzajya gufasha ibindi bihugu bigifite imbogamizi mu burezi."

Minisitiri w'Abakozi ba Leta, umurimo n'Imibereho muri Zimbabwe Edgar Moyo, yabwiye itangazamakuru ko abo barimu b'igihugu cye biteguye gutanga umusanzu uko bashoboye binyuze mu masezerano ibihugu byombi byagiranye kandi bizafasha uburezi bw'u Rwanda.

Yagize ati: "Twaje hano mu kwigisha ikoranabuhanga no kongera imbaraga mu kwigisha, tuzabafasha mu bijyanye no gufasha abarimu mu kubaka ubunararibonye bwabo."

Abarimu baturutse muri Zimbabwe, bavuga ko biteguye gutanga imbaraga zabo mu kwigisha neza amasomo atandukanye mu Rwanda.

Musongi Petty Perpetual, uzobereye mu kwigisha mu mashuri abanza, yavuze ko yiteguye kuzana ibishya mu burezi bw'u Rwanda.

Ati: "Twaje nk'icyiciro cya 2 tuje kwigisha abarimu b'u Rwanda, twizeye abarimu bacu, turashaka kwiga imico y'u Rwanda, tuzakomeza gusigasira umusanzu u Rwanda rudukeneyeho kandi tuzazana ibishya byinshi mu burezi".

Kwakira abo barimu bishingiye ku Masezerano y'Ubufatanye, yashyizweho umukono mu kwezi k'Ukuboza 2021 hagati ya Guverinoma z'ibihugu byombi.

Muri Gashyantare 2022, ni bwo icyiciro cya mbere cy'abarimu cyatangiye gufasha abarimu n'abanyeshuri mu Rwanda by'umwihariko abo mu mashuri nderabarezi.

# U Rwanda rwamaganye RDC yubuye imvugo z'urwango



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Nduhungirehe yamaganye imvugo z'urwango zatangajwe n'Umuvugizi w'Ingabo za ARDC, Sylvain Ekenge

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe abatuye Isi bakomeje kwishimira ibihe by'Iminsi Mikuru ya Noheli n'Ubunani, Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yongeye guca amarenga yo gushyira mu bikorwa imyumvire n'imitekerereze y'abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe, yamaganye yivuye inyuma imvugo z'urwango zongeye gukwirakwizwa kuri televiziyo y'Igihugu ya Congo (RTNC), aho Umuvugizi w'Ingabo z'icyo gihugu (FARDC) Sylvain Ekenge, yashishikarizaga Abanyekongo kudashakana n'Abatutsikazi yita ko ari indyarya n'abagambanyi.

Ibyo byatumye Minisitiri Nduhungirehe yongera kwibutsa urubyiruko by'umwihariko urwo mu Karere rukurikira izo mvugo, ko atari ubwa mbere zikoreshejwe kandi amaherezo yazo atari meza hashingiwe ku byabaye mu Rwanda mu myaka 31 ishize.

Yagaragaje ko imvugo ya Sylvain Ekenge kuri televiziyo y'Igihugu ishingiye ku cyiswe "Amategeko 10 y'Abahutu" yatangajwe muri Nzeri 1959 na Joseph Habyarimana Gitera, wari umuhezanguni w'Umujenosideri wayoboye ibikorwa by'ubwicanyi byakorewe Abatutsi mu 1959 ndetse akanagira uruhare muri Jenoside yabakorewe mu yahoze ari Gikongoro mu 1963.

Ayo mategeko yagaruriwe ubuzima na Hassan Ngeze mu 1990 muri nomero ya 6 y'ikinyamakuru Kangura cyakoreshejwe nk'intwaro yo gukwirakwiza urwango n'amacakubiri, ayo mategeko akaba ari na yo yashingiweho mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Itegeko rya mbere muri ayo mategeko ni ryo ryafashije Umuvugizi wa FARDC akaba n'utwaye ijwi ry'ingengabitekerezo ya Jenoside iterwa inkunga na Guverinoma ya Congo."

Mu butumwa bwa Ekenge, yagize ati: "Uyu munsi abashyingiranwa n'Umututsikazi, birasaba kwitwararika…", yakomeje ashinja umuryango w'Abatutsi b'Abanyekongo kuba abagambanyi n'indyarya.

Minisitiri Nduhungirehe washenguwe n'ubwo butumwa bw'Umuyobozi Mukuru mu Ngabo za RDC, yagaragaje impungenge zikomeye cyane kuri iyo mvugo y'abajenosideri ikomeje guhabwa icyicaro na Leta ya Kinshasa yiyemeje gukorana n'abahoze ari abarwanyi ba FDLR, umutwe w'iterabwoba washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Muri ibi bihe by'Iminsi Mikuru, aho ibitangaza bya Noheli byakabaye bikiza roho, birababaje ko ubutegetsi bwa Kinshasa bwafashe inzira igoramye, yinjira mu bihe byijimye bya Jenoside."

Nduhungirehe yagaragaje uburyo Ekenge yagaragaye kuri televiziyo y'Igihugu asoma inyandiko bigaragara ko yayandikiwe n'inzobere mu gukwirakwiza ingengabitekerezo nka Filip Reyntjens n'abandi bakomeje kuyikwirakwiza mu Karere no ku Isi.

Yakomoje ku buryo izo mvugo zijyana n'urugomo ndetse n'ubwicanyi bukabije bikorerwa Abanyekongo b'Abatutsi by'umwihariko Abanyamulenge, bikaba ari kimwe mu bikorwa biyoborwa n'abagize umutwe w'iterabwoba wa FDLR bishimangira umugambi wabo wa Jenoside bamuruweho bagahungira muri Congo.

U Rwanda rusanga Leta ya Kinshasa ikomeje guha urwaho imvugo z'urwango zagize ingaruka zikomeye mu mateka y'u Rwanda idakwiye kubonwa nk'aho ivuga amafuti yoroheje, ko ahubwo izo mvugo ziteye inkeke ku buryo zikwiye gufatirwa ibyemezo byihuse, haba mu gihugu cya Congo no mu ruhando mpuzamahanga, hirindwa ko Jenoside yabaye mu Rwanda yakongera kubaho mu Karere.

NYIRANEZA Judith

# Abari abayobozi b'ibigo by'amashuri 890 bahagaritswe ku buyobozi

***Igenzura ryahawe abari abayobozi b'ibigo by'amashuri ryasize abataragize amanota 70% kuzamura bahagarikwa mu kazi ko kuyobora ibigo, harimo 349 bo mu mashuri abanza na 541 mu mashuri yisumbuye.***

*Umuyobozi Mukuru Wungirije* w›Urwego rw›Igihugu rushinzwe *Uburezi bw'Ibanze* (*REB*), Dr Flora Mutezigaju yasobanuye ibyashingiweho kugira ngo abo bayobozi b'ibigo bahagarikwe ku buyobozi, habanje gukorwa isuzuma ry'Akarere nyuma hakorwa iryatanzwe na REB.

Yavuze ko harebwe uburyo umuyobozi afite intumbero y'ikigo, uburyo umuyobozi afasha mu myigire, uburyo umuyobozi akoresha umutungo w'ikigo bahabwa na Leta, uburyo umuybozi akorana n'ababyeyi kuko ishuri ntirikora ryonyine riba rifite ababyeyi.



Abari abayobozi b'ibigo by'amashuri batsinzwe n'ibizamini, ntibazakomeza kuba abayobozi babyo guhera mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka w'amashuri 2025

Ati: "Habanje isuzuma ry'Akarere ryibandaga ku bintu 2 birimo imyitwarire y'umuyobozi muri rusange uburyo umuyobozi akunze akazi ke, byabazwe ku manota 100.

Akarere kayohereje REB, abari abayobozi b'ibigo 5 277 basuzumwe natwe nka REB dukora isuzuma ry'imikorere y'abayobozi b'ibigo."

Yagize ati: "Ababajijwe ni abayobozi 5 277, muri bo 890 ni bo bagize amanota ari munsi ya 70% bangana na 16%.

Agaruka ku byo REB yabonye bahuriyeho, yagize ati: "Ibyo twabonye bahuriyeho byavuye mu isuzuma ry'Akarere ni ibijyanye n'imyitwarire y'abayobozi b'ibigo mu gace ko gusuzuma imyitwarire, abatsinzwe muri abo 890 twavaniyeho inshingano yo kuyobora, usanga mu myitwarire bafite amanota make. Uburyo yitwara, uko abana n'abarimu, [….] uko akemura ibibazo byabanyeshuri n'abarimu."

Dr Mutezigaju yavuze ko icya kabiri ari uburyo bacunga umutungo w'ishuri.

Ati: "Wasangaga abenshi kuri icyo cyiciro bataritwaye neza, ugasanga baribye ibyo kurya by'abana, umuyobozi utahaba uhora yagiye.

Kuri REB, ikindi, abenshi icyongereza cyarabananiye cyane nubwo cyari gifite amanota make. Abayobozi benshi bahagarikiwe iyo urebye imitsindire y'imyaka 3 ku bigo, usanga igenda isubira inyuma."

Muri abo batsinzwe abenshi ni abafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (A2), kandi abenshi usanga bakuze. Mu 5277, abagabo ni bo benshi kuko basaga 3 100 naho abagore bakaba bari hafi 2 000.

Byagarutsweho ku Cyumweru mu Kiganiro Urubuga rw'Itangazamakuru.

REB ishishikariza abagore bari mu burezi gusaba imyanya y'ubuyobozi bw'ibigo, kuko muri rusange amashuri ayoborwa n'abagore yakoze neza ugereranyije n'abagabo.





BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Abaturiye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe bagenewe miliyari 1,2 Frw

***Imishinga itandatu igamije iterambere ry'abaturage baturiye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe mu Turere dutanu, yatoranyirijwe gusaranganywa miliyari imwe na miliyoni 200 z'amafaranga y'u Rwanda muri gahunda igamije kubasangiza ku mafaranga ava mu bukerarugendo.***

Iyo mishinga yatoranyijwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), irimo ibiri yo mu Karere ka Karongi, umwe w'i Rusizi, umwe wa Nyamasheke, uwa Nyaruguru n'uwa Nyamagabe.

Umuyobozi ushinzwe guhuza Pariki y'Igihugu ya Nyungwe n'abaturage Ntihemuka Pierre, yavuze ko Akarere ka Nyamasheke kagenewe miliyoni 375 z'amafaranga y'u Rwanda, Rusizi igenerwa miliyoni 228 Frw,

Nyamagabe igenerwa miliyoni 268 Frw, Nyaruguru igenerwa miliyoni 268 Frw naho Karongi igenerwa miliyoni 107 Frw.



Ikiraro cya canopy walk kiri mu byiza bisurwa muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe

Ntihemuka ati: "Aya mafaranga agamije kugabanya ibibazo bibangamiye Pariki, birimo ubuhigi, inkongi z'imiriro n'ibindi. Umushinga utaza usubiza ibi bibazo ntuba ari wo. Icya 2 ni uko umushinga ugomba gutuma umuturage yiyumvamo ishema ryo guturira Pariki, agatanga umusanzu we mu kuyibungabunga."

Ikindi yakomojeho ni uko imishinga yatoranyijwe ifitanye isano no kugabanya ubukene mu baturage, no kubaka icyizere hagati y'abaturage n'urusobe rw'ibinyabuzima ruba muri Pariki.

Hari no kugabanya ibibazo bituruka ku nyamaswa ziva muri Pariki zikaza konera abaturage, kuzamura ibijyanye no kubungabunga Pariki, umuturage akiyumvamo ishema ryo kuyiturira kuko afite icyo yirata akuramo.

Ntihemuka yakomeje agira ati: "Icya mbere ni ukuba ari umushinga ushoboka, ugomba gushyirwa mu bikorwa ukazamara igihe kirekire, kuko hari nk'umushinga wo muri 2018 cyangwa 2020 ushobora kujya kuwushaka ubu ukawubura. Ibyo rero ntibizongera."

Ikindi avuga ni ukuba uwo mushinga uri hafi ya Pariki, mu rwego rwo kuba igisubizo cyo kugabanya ibibazo hagati yayo n'abayituriye.

Abaturage bagomba kandi kuwugiramo uruhare nk'aba mbere ugomba kugirira akamaro. Avuga ko binemewe ko iyo umushinga ari mugari n'abandi bafatanyabikorwa bemerewe kuwugaragaramo kugira ngo urusheho gutungana.

Yanagarutse ku ijanisha ry'uburyo ayatanzwe umwaka ushize yakoreshejwe, yavuze ko Akarere ka Karongi kaje ku isonga ku ijanisha rya 100%, Nyamasheke igera hafi 100%, Nyamagabe iyakoresha ku ijanisha rya 87%, Rusizi iyakoresha ku ijanisha rya 66% na Nyaruguru ikiri kuri 0%.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel, yatanze impamvu hari amafaranga atarakoreshejwe.

Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe imicungire ya Pariki ya Nyungwe (Nyungwe Management Company), Niyigaba Protais, yashimiye abaturage babyaza umusaruro aya mahirwe Igihugu kibaha, n'ubuyobozi bwabo bubibafashamo, bakanarushaho kumva akamaro kayo no kuyibungabunga.

Ati: "Turasaba abayituriye gukomeza kuyibungabunga. Ibiva muri uyu musaruro biboneka kuko Pariki irinzwe neza, abayisura bafatwa neza. Aho banyura, uko bafatwa n'ibyo bayibonamo byose bituma bagaruka bakanazana abandi benshi."

Yabasabye kwirinda no kurwanya ibiyangiza, birimo ubuhigi bw'inyamaswa, kuyitwika, n'abakoresha umuhanda wa kaburimbo uyinyuramo bakirinda kugonga inyamaswa, gutamo imyanda, n'ibindi byabangamira urusobe rw'ibinyabuzima ruyirimo.

Abayituriye baganiriye na Imvaho Nshya, bavuze ko ibyo bakorerwa binyuze mu isaranganya ry'inyungu ziva muri ubu bukerarugendo bibashimisha cyane, bituma biyemeza kuyibera umuturanyi muzima.

Ntamukunzi wo mu Murenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, yagize ati: "Kubera ko inyungu ziyivamo zimanuka zikaguteraho, byaduteye kurushaho kuyikunda, tuyibera umuturanyi nyawe. Ntidushobora kwemera uwayangiza tureba."

Ndebeyinka Josepha wo mu Murenge wa Butare, Akarere ka Rusizi, na we ati: "Ntitwarenga ku mashuri meza y'abana bacu RDB yatwubakiye i Nyabitimbo ngo hagire uhirahira yangiza iyi Pariki, ntibishoboka. Pariki ni inshuti yacu, uburezi n'uburere bwiza bw'abana bacu ni yo tubikesha."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Karongi ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yashimye ko bongerewe miliyoni 107 z'amafaranga y'u Rwanda, bakaba bizeye kuyakoresha neza nk'uko bakoresheje n'ay'ubushize.

Ati: "Imishinga yacu yatoranyijwe ni ibiri. Uwo koroza abaturage 100 ingurube mu Murenge wa Mutuntu n'uwo kubaka ibyumba 3 by'amashuri mu Murenge wa Twumba, ahari ikibazo cy'abana bakora ibilometero birenga bibiri bajya kwiga, bikazatuma biga hafi."

Umukozi muri RDB, Ishami ryo kubungabunga Pariki z'Igihugu, Ngoga Télésphore, avuga ko kuva iki gikorwa cyatangira mu 2005, mu Turere Pariki ya Nyungwe ikoraho hamaze gusaranganywa arenga miliyari 4.5 Frw.

Uyu mwaka ku rwego rw'Igihugu hazakoreshwa arenga miliyari 5 Frw ku baturiye pariki zose z'Igihugu, mu myaka 20 ishize hakaba hamaze gutangwa miliyari 18 Frw.

# Nkombo: Urubyiruko rwize imyuga rudindizwa no kutagira agakiriro

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Urubyiruko rwize imyuga itandukanye rwo mu Murenge wa Nkombo, Akarere ka Rusizi, ruvuga ko rudindizwa no kutagira agakiriro rukoreramo ibinoze, rumwe rugahitamo gukorera mu ngo, ariko rukagira impungenge z'ingaruka rwahahurira na zo.***

Urwo rubyiruko rusaba ko rwahabwa agakiriro, rukabona aho bukorera.



Ufitamahoro Fulgence avuga ko abariza mu rugo kuko nta gakiriro bagira

Ufitamahoro Fulgence w'imyaka 30 Imvaho Nshya yasanze abariza mu rugo mu Mudugudu wa Rebero, Akagari ka Bigoga, yavuze ko abikora nko kubura uko agira kuko abakiliya yakabonye akorera mu gakiriro, si bo abona atahakorera ndetse baba bafite impungenge z'umutekanow'aho bakorera

Ati: "Kubariza aha mu rugo ni ukubura uko ngira, nanga kwicara ngo ubumenyi bwanjye butamfira ubusa. Hano ku Nkombo hari ishuri ry'imyuga (TVET), rinatanga amasomo y'igihe gito, ariko abarangijemo ntibagira aho gukorera.

Ni mu kirwa, ushaka ibikoresho byiza by'ubwubatsi yagombye kubonera hano arambuka akajya kubishaka i Kamembe ahenzwe."

Yongeyeho ati: "Bajya kubishaka bahenzwe kandi tuzi kubikora. Ariko kuko babona nta bikoresho bihagije dufite, […] banatekereza ko ushobora guha umusore amafaranga ngo agukorere bugacya yagiye kuko nta koperative cyangwa ishyirahamwe rizwi akorera, bituma tutizerwa."

Anavuga ko ibikoresho akoresha atari iby'ikoranabuhanga, ari uturanda n'inkero bya gakondo, akagurirwa n'abaciriritse.

Mapendo Egide w'imyaka 30 ubariza akanasudirira iwabo mu Mudugudu wa Gaturo, Akagari ka Bugarura avuga ko, kuri ibi hiyongeraho umutekano wabo n'uwo mu ngo baba bakorera.

Ati: "Mu ngo umutekano ntuba wizewe 100% nko mu gakiriro. Kubera utuzu duto ntaho kubika ibikoresho haba hahari. Bituma tugura duke duke tuduhenda, icyo uguze uyu munsi ejo ugasanga cyahenze, bigatuma dukorera mu gihombo."

Anavuga ko iyo mikorere ituma hari akazi babura, nko ku bantu baba bakoresha byinshi ku nyubako z'amashuri n'iz'insengero.

Ukwitegetse Francine wo mu Mudugudu wa Giteme, Akagari ka Bigoga yifuza ko bakubakirwa agakiriro

Ati: "Umwana wanjye yarangije ayisumbuye mbura amujyana kaminuza. Ari aha kuko n'imyuga yize yabuze aho akorera, mu rugo ntiyabona aho abika ibikoresho. Dufashijwe kubona agakiriro byamufasha agasanga abandi bakungurana ubumenyi.

Abaguzi baganiriye na Imvaho Nshya, na bo bavuze imbogamizi bahura nazo.

Nyirandimubanzi Costasie yagize ati: "Ni ikibazo natwe abaguzi kiduhangayikishije cyane. Kwizera umuntu ukorera mu rugo muri iki gihe ukamuha amafaranga yawe, atari ahantu hazwi, ku buryo ugize ikibazo wabona aho ubariza, bituma twambuka amazi tukigira i Kamembe ndetse tugahendwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, avuga ko akurikije imiterere y'Umurenge wa Nkombo, ibyo urubyiruko ruvuga bifite ishingiro.

Ati: "Ni icyifuzo cyumvikana. Ntitwahashyira agakiriro gahenze cyane, ariko kuba abaharangiza imyuga n'abayirangiza ahandi babona aho bakorera hizewe, hari iby'ibanze bakenera bituma urubyiruko ruhaguma rukahateza imbere n'umutekano wabo n'uw'aho bakorera wizewe, tuzabikora."

Yavuze ko Nkombo ituwe n'abaturage barenga 20 000.

Kubaka agakiriko ntibyakorwa mu ngengo y'imari y'uyu mwaka kuko ibyawo byarangiye, akabizeza ko bizasuzumwa mu ngengo y'imari y'utaha.

NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Amatsinda yazigamiye Iminsi Mikuru yatangiye kugabana ibiribwa

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Musanze bibumbiye mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya (ibimina), bishimiye ko bagiye kwizihiza Iminsi Mikuru bafite ibiribwa bihagije kubera ko batangiye kugabana ibiribwa n'ibinyobwa bizigamiye mu gihe cy'umwaka wose.***

Abo baturage bavuga ko batangiye kwizigamira muri Mutarama 2025, aho buri munyamuryango yatanze umugabane w'amafaranga bitewe n'ubushobozi bwe, hagamijwe kuzagura ibiribwa by'ingenzi birimo umuceri, amavuta n'inyama.

Bateguye kare impera z'umwaka wa 2025 n'intangiriro nziza z'umwaka utaha wa 2026, aho bazaba batangiye guteganyiriza impera zawo.

Umwe mu banyamuryango b'itsinda ryitwa Tuzigamire Mituweli rikorera mu Murenge wa Muhoza, avuga ko buri wese yatanze amafaranga y'ibanze angana na 5000, nyuma akajya atanga 1000 buri kwezi.

Ayo mafaranga yakomeje kwiyongera anunguka, ku buryo kuri ubu abanyamuryango batangiye kubona umusaruro wabyo.

Uzaribara Eulade na we yagize ati: "Twese twatangiye dutanga 5000, ariko bitavuze ko wagombaga no kuyarenza; hanyuma buri kwezi tugatanga 1000 kuri buri wese. Ayo mafaranga yarungutse, ku buryo ubu umuntu ashobora kubona umufuka w'umuceri, bikadufasha kwizihiza iminsi mikuru twishimye kandi tudafite impungenge, zo kubura ibizadufasha mu kwizihiza iminsi mikuru."

Aba banyamuryango kandi bagaragaza ko amafaranga yabo atagize akamaro mu kugura ibiribwa gusa, ahubwo yafashije n'abari bafite ibindi bibazo byihutirwa.

Iyo umwe yafashe amafaranga mu itsinda nk'inguzanyo, yayasubizaga yungutse 10%, bikaba byarafashije amafaranga kwiyongera no gufasha abandi.

Umwe mu banyamuryango Kalikumutima Josua yagize ati: "Nafashe inguzanyo mu itsinda nyikoresha mu kwishyura amafaranga y'ishuri ry'abana banjye. Iyo nguzanyo yaramfashije cyane, kandi kuyishyura nongeraho 10% ntibyangoye kuko nari maze kubona inyungu yo kuba mu itsinda."

Si abanyamuryango gusa bungukiye muri aya matsinda, kuko n'abacuruzi bo mu Karere ka Musanze bagaragaza ko imikoranire n'aya matsinda yabongereye abakiliya n'inyungu.

KOMEZA KU RUP.15





# Musanze: Amatsinda yazigamiye Iminsi Mikuru yatangiye kugabana ibiribwa



Kwizigamira bituma abaturage bizihiza iminsi mikuru neza

IBIKURIKIRA URUP.14

Umucuruzi w'umuceri n'amavuta ukorera mu Mujyi wa Musanze witwa Ahorinyuze Claver, avuga ko aya matsinda yamubereye isoko rikomeye.

Yagize ati: "Iyo amatsinda aje kurangura, bagura byinshi icyarimwe. Byanyongereye abakiliya n'inyungu kuko baduha icyizere, natwe tukabaha ibiciro byiza. Ubu aya matsinda yadufashije kuzamura ubucuruzi bwacu, ku buryo nk'itsinda Twihaze ryo muri Cyuve ryansigiye amafaranga asaga miliyoni 3 kuko baguze hano umuceri n'amavuta."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, yishimira iki gikorwa cy'abaturage kigaragaza umuco mwiza wo kwizigamira no guteganyiriza ejo hazaza.

Yagize ati: "Nishimiye kubona abaturage bishyira hamwe bakizigamira, by'umwihariko mu kwitegura Iminsi Mikuru. Turabasaba kwishimira iyo minsi ariko bakirinda gusesagura, bibuka ko mu minsi mike abana bazasubira ku ishuri bityo hakaba hakenewe amafaranga n'ibikoresho by'ishuri."

Yakomeje asaba abaturage bo mu Karere ka Musanze gukomeza uyu muco wo kwizigamira no gufatanya mu bikorwa bibateza imbere, kuko ari wo musingi w'iterambere rirambye ry'imiryango n'Igihugu muri rusange.

Mu gikorwa cyo kwishimira Iminsi Mikuru isoza umwaka no gutangira umwa mushya mu bihe byose, babaga inka bakayigabana mu itsinda ryabo ndetse hakaba nababaga inka irenze imwe mu itsinda ryabo.

Hari n'abahitamo kuzarya amatungo magufi nk'ihene n'intama, kandi usanga buri wese abonamo inyungu kuko n'ibiciro ku borozi barabyishimira, aho ihene yaguraga amafaranga ibihumbi 50 igura nibura ibihumbi 70 by'amafaranga y'u Rwanda.



Ibi bigori bishishe kuko isuri itagitwara ubutaka biteyeho n'ifumbire byateranywe

# Kirehe: Amaterasi yakozwe aratanga icyizere cyo kuzamura umusaruro

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Umurenge wa Gatore mu Karere ka Kirehe bakorewe amaterasi n'umushinga LDCF3 ukorera mu Kigo cy'Igihugu cy'Ibidukikije (REMA), ugamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, bishimira impinduka yabazaniye mu musaruro aho hari abemeza ko wikubye inshuro 5.***

Bavuga ko kubera ibice bimwe na bimwe bisa n'ibihanamye, igihe bahingaga nta materasi, imvura yagwaga igakukumba imyaka yabo hafi ya yose, ifumbire bashyizemo n'ubutaka bwera, ikabijyana mu mibande, bagasigara amara masa.

Uwingabire Sylvie wo mu Kagari ka Muganza, mu Murenge wa Gatore yavuze ko kuteza byabagiragaho ingaruka.

Ati: "Mu by'ukuri twari twarihebye, abana batarya neza, nta mituweli,ari ibibazo bisa kuko aha ducungira ku buhinzi bukaba bwarasaga n'ubudashoboka."

Yavuze ko haje umushinga LDCF 3 wa REMA ubakorera hegitari 100 z'amaterasi y'indinganire n'izindi 215 z'ayikora, bibumbira muri koperative yitwa 'Zamuka muhinzi'.

Yongeraho ati" Nkanjye ubutaka mpinga hano, ntashoboraga kubona ibilo 100 by'ibigori, ndabona ibilo birenga 500. Bimfasha kugaburira neza abana banjye 3, nkababonera mituweli, ibikoresho by'ishuri, n'irindi terambere nkagenda ndigeraho."

Karekezi Jean Paul na we ati" Dushimira cyane perezida Kagame wadutekerejeho akatwoherereza uyu mushinga ukaduhindurira imibereho.

Nsengiyumva Pacifique, Agoronome w'Umurenge wa Gatore, ashimangira ko aka gace kakozwemo aya materasi kagiraga isuri ikabije, hari hamaze guhinduka nk'ubutayu.

Ati: "Uyu mushinga waje ari igisubizo ku buhinzi muri uyu Murenge. Aya materasi yazanye impinduka zigaragara mu buhinzi, ku buryo aheraga toni imwe y'ibigoli kuri hegitari, ubu hari aho abaturage bageze kuri toni 5.

Uyu mwaka twari twiteze toni 5,5 kuri hegitari,ariko imvura yabaye nke, tuzazikabakaba."

Avuga ko aya materasi yakozwe ku buryo no mu zuba ryinshi ubutaka buba buhehereye kuko buba bwarafashe amazi, kandi ko biyemeje kuyabungabunga no kuyongera,ngo umusaruro wiyongere n'ab'ahandi baze kubigiraho.

Umuhuzabikorwa w'umushinga LDCF3, mu Turere twa Kirehe na Gakenke, Sindayigaya Charles, ahamya ko bageze muri ako gace basanga ubutaka bwarangiritse cyane kubera ko ubwiza bwari bwarigendeye, ariko amaterasi bahakoze yabahinduriye ubuzima.

Ati: "Uwagera hano akabona uburyo ibi bigori bishishe yakeka ko ari ko byahoze. Si ko byahoze. Hari hari ikibazo gikomeye cyane cy'iyangirika ry'ubutaka, aya materasi arinda ubwari busigaye, bufata ifumbire none ubu burera bitangaje."

Avuga ko bamaze gukora amaterasi y'indinganire kuri hegitari 400, hasigaye izindi 100.

Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe, Rangira Bruno, ashima impinduka mu buhinzi no kurengera ibidukikije zazanywe n'uyu mushinga LDCF3, akanashimira abaturage bawubyaje umusaruro.

Ati: "Hakozwe byinshi muri uyu mushinga dufatanyamo na REMA bigamije kuzamura ubuhinzi bwabo ngo buhangane n'imihindagurikire y'ibihe, burimo ibijyanye no gutunganya ubutaka ahakorerwa amaterasi."

Yavuze ko bazakomeza gukurikiranira hafi.

# Abarangije kaminuza basaba bagenzi babo kutirukira mu mijyi



**Abarangiza kaminuza n'amashuri makuru basaba bagenzi babo kuguma mu byaro bakahazana impinduka**

**NGABOYABAHIZI** *Protais*

***Bamwe mu rubyiruko rusoza kwiga amashuri makuru na kaminuza bahisemo kuguma mu byaro kugira ngo bafashe gukemura bimwe mu bibazo bibangamiiye icyaro, bagasaba bagenzi babo birukira mu mijyi kubihagarika kuko imirimo atari ho iboneka gusa.***

Basaba bagenzi babo gushishikarira guhanga imirimo no gutanga akazi aho bakomoka, cyane ko ari ho hakiri amahirwe menshi yo guhanga ibishya kandi bihindura iterambere ry'aho bavuka.

Uru rubyiruko rugaragaza ko kwitangira sosiyete byagize uruhare mu gufasha abaturage kwikura mu bibazo by'imibereho, harimo no kurwanya imirire mibi, nk'uko bigaragara mu Turere twa Burera na Rutsiro.

Bamwe mu baturage bashimira uru rubyiruko ku ruhare rufatika rwagize mu mibereho yabo.

Mukandengo Alphonsine, umworozi wo mu Karere ka Burera, yagize ati: "Abarangije kaminuza badufashije gusobanukirwa uko twateza imbere ubworozi n'ubuhinzi. Ubu twamenye uko twita ku matungo yacu neza, tubona amata menshi kandi tubona icyo twinjiza gitubutse. Byahinduye imibereho yacu, abana bacu bakwiye kuba hafi yacu."

Seguhirwa wo mu Karere ka Rutsiro, yongeyeho ko urubyiruko rurangiza za kaminuza iyo rwemeye kuba mu byaro bituma haba impinduka kuko baba bari hafi y'imiryango yabo bayisangiza ubumenyi bakuye mu mashuri.

Yagize ati: "Batwigishije gushyiraho uturima tw'igikoni no korora inkoko. Abana batangiye kubona indyo yuzuye, imirire mibi iragabanyuka kandi natwe twumva dufite icyizere mu byo dukora, nta mpamvu yo kurangiza kaminuza ngo ntushyire mu bikorwa ibyo wize ugahora ubungana ibaruwa usaba akazi."

Umutoni Gentille ukomoka mu Karere ka Ngororero, umwe mu barangije amasomo y'Iterambere ry'Icyaro, avuga ko mbere y'uko atekereza kugira icyo akora atavuye aho avuka yabanje gukora ubushakashatsi bwibanze ku isano iri hagati y'ubukene, igwingira ry'abana n'imirire mibi.

Yagize ati: "Intego yacu yari ugusobanukirwa uko ubukene, bufite aho buhurira n'igwingira ry'abana n'imirire mibi bifitanye isano. Twakoreye ubushakashatsi mu Turere turindwi two mu Ntara y'Iburengerazuba, dukorana n'abaturage. Twibazaga impamvu, nubwo hari umusaruro mwiza w'ubuhinzi, igwingira ry'abana rigikomeje kuba hejuru."

Mu gukemura iki kibazo, Umutoni yavuze ko yashatse ibisubizo birambye mu giturage aho akomoka, kandi bigakorwa abana n'abaturage bo ku musozi avukaho.

Yagize ati: "Naribajije nti ni iki nakora ngo abaturanyi banjye babone ifumbire, bongere umusaruro kandi binjize amafaranga. Narebye uko aka gace gateye nsanga korora ingurube ari byo byahakunda. Ubu ndi mu bworozi bw'ingurube, ngatanga amatungo ku bahinzi kandi nkaba ndi muri bamwe bihangiye imirimo bakawuha n'abandi. Nta mpamvu yo kujya mu mujyi kandi ibisubizo biba biri hafi aho mu giturage."

Dr. Fils Daniel Kwizera, warangije amasomo y'ubuvuzi bw'amatungo, yashimangiye ko ubumenyi bwa gakondo bw'abaturage bukwiye guhurizwa hamwe n'ubumenyi bwa siyansi bigishwa muri kaminuza, abarangije amasomo bakabugeza ku baturage mu rwego rwo guhindura imibereho yabo aho baturuka, aho kwirukira mu mijyi.

Yagize ati: "Nubwo abaturage basanzwe bafite ubumenyi bakura ku babyeyi babo, muri kaminuza twigira tekiniki zigezweho zuzuzanya n'ubwo bumenyi. Kubana n'aborozi byatumye menya ibibazo bagira nko kwivurira amatungo uko bishakiye, kutamenya indwara, kuyagaburira nabi no kugira umukamo muke."

Kwizera avuga ko binyuze mu mahugurwa no gukorana bya hafi n'aborozi, umusaruro w'amata mu Karere ka Burera wazamutse ku buryo bugaragara, uva ku litiro eshatu ku munsi ku nka imwe, ugera hagati ya **litir**o eshanu na 11 ku munsi.

Alfred Bizoza, umwarimu n'umushakashatsi mu Ishuri ry'Ubuhinzi rya Kaminuza y'u Rwanda, yavuze ko mu myaka irindwi ishize, iyi kaminuza imaze kohereza abenshi mu barangije amasomo mu byaro gukorana n'abahinzi n'aborozi, hagamijwe guhindura imibereho myiza y'abaturage.

Asaba urubyiruko kutarangiza amashuri ngo birukire mu mijyi, kandi ko abona abo bohereje mu byaro bakahakorera bigenda bitanga umusaruro.

Yagize ati: "Kaminuza y'u Rwanda yashyize imbere gahunda yo kugeza ubumenyi ku baturage. Abanyeshuri babanza amahugurwa y'amezi atatu ku bushakashatsi bushingiye ku bufatanye n'abaturage."

Yongeyeho ati: "Nyuma y'amezi atandatu y'ubushakashatsi mu buhinzi no mu bworozi, hanyuma mu mezi atatu ya nyuma bagashyira mu bikorwa imishinga yo gukemura ibibazo byagaragajwe, kandi ubu buryo bufasha guhuza abahinzi na politiki z'igihugu z'ubuhinzi, kongera ubumenyi no guteza imbere imibereho yabo."

Iyi gahunda ikomeza gushyigikira urubyiruko rurangije kaminuza, kugira ngo ruhite rugira uruhare mu iterambere ry'aho ruvuka binyuze mu mushinga wa DeSIRA, ukorera mu Turere twa Burera, Rutsiro, Gatsibo, Nyagatare, Bugesera na Ruhango.

Kugeza ubu Kaminuza y'u Rwanda Ishami rya Musanze (UR CAVEM) ritangaza ko abasaga 100 ari bo bamaze guhabwa amahugurwa nyuma yo kurangiza kaminuza bakorera mu byaro, kandi ngo bagenda batanga igisubizo.

Uruhare rw'umushinga DeSIRA uterwa inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) binyuze muri FAO, ugashyirwa mu bikorwa na Kaminuza y'u Rwanda, RAB na ISTOM, hagamijwe ko abarangije kaminuza bagira uruhare mu iterambere ry'imiryango yabo, bakubaka ubumenyi bw'imibereho myiza mu byaro, kandi bakarwanya ubukene n'imirire mibi.





# Karongi: Biraye mu rugo rw'uwo bakekaho amarozi baramwica



**Mu Murenge wa Twumba bateye umuntu mu rugo rwe baramwica ngo bamukekeho kubarogera umuntu agapfa**

**BAHUWIYONGERA** *Sylvestre*

***Habimana Mvuyekure bahimba Matunguru w'imyaka 30, Uwiringiyimana Esther w'imyaka 26 na Muhayimana Samuel w'imyaka 18 bafungiye kuri Sitasito y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) bakurikiranyweho kwirara mu rugo rwa Ndiramiye Vianney w'imyaka 55 bakamwica bamutemaguye bamushinja kubicira Mushimiye Ndimubanzi w'imyaka 25 amuroze.***

Abo basore uko ari batatu, bivugwa ko uretse uwo mugabo bashinja amarozi banakomerekeje bikomeye abandi bantu basanze muri urwo rugo ruherereye mu Mudugudu wa Karambo, Akagari ka Gisovu, Umurenge wa Twumba mu Karere ka Karongi.

Umukuru w'Umudugudu wa Karambo Nteziryimana Evariste, yatangarije Imvaho Nshya ko intandaro y'uru rugomo ari ugukekana amarozi, aho abaturanyi ba nyakwigendera Ndiramiye Vianney basanzwe bavuga ko abarogera abantu bagapfa.

Intandaro nyirizina yabaye urupfu rwa Mushimiye Ndimubanzi wo mu Mudugudu wa Nyaruyaga, Akagari ka Gitabura wapfuye urupfu rw'amayobera, asize umugore n'umwana.

Avuga ko uyu Mushimiye Ndimubanzi yafashwe avuga ko yumva aribwa n'umutwe cyane, ajyanwa ku Bitaro bya Mugonero mu Karere ka Karongi, ariko agahita yoherezwa mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza bya Kigali (CHUK) ari na ho yasanganywe kanseri yo mu bwonko.

Yagaruwe mu Bitaro bya Mugonero ari na ho yaguye, ariko mbere yo gupfa avuga amagambo menshi atumvikana arimo no kuba we yaravugaga ko atazize kanseri ahubwo yarozwe na Ndiramiye Vianney.

Byakubitiyeho kuba abaturage basanzwe bamushinja kubarogera, banavuga ko hari umukecuru w' umuturanyi wabo wigeze kurwara akaremba, bakamujyana kwa muganga ariko abo mu muryango we bavuga ko ari Ndiramiye umuroze, bamubwira ko natamurogora bamwica.

Icyo gihe Ndiramiye bivugwa ko ari we wamuhaye umuti arakira nk'uko byashimangiwe na Mudugudu Nteziryimana wagize ati: "Ntituzi niba yarakijijwe n'imiti ya muganga cyangwa iya nyakwigendera, ariko ba nyiri uyu wundi, bavuze ko apfuye amuvuga, bishyiramo ko ari we umwishe."

Akomeza avuga ko akivuga ko azize Ndiramiye Vianney abari bamurwaje bahamagaye imiryango yabo n'iyo kwa sebukwe w'uwari upfuye, bayimenyesha ibyo yavuze, bakibyumva bafata intwaro gakondo bajya kwihorera.

Mudugudu yakomeje agira ati: "Mukuru we witwa Habimana Mvuyekure, murumuna we witwa Muhayimana Samuel n'undi witwa Mushimiyimana Emmanuel bafashe ishoka, imipanga n'ibihiri, nyina Nyiranzacahinyeretse Peruth afata isuka n'inkoni, biyunga n'abandi batatu bo kwa nyirabukwe wa Mushimiye Ndimubanzi, bajyayo bahasanga Ndiramiye Vianney, umugore we Musabyimana Adèle, umukobwa wabo Nyirarukundo Marthe w'imyaka 29, n'umwuzukuru wabo. Ndiramiye ababonye n'intwaro nyinshi gakondo yirukiye mu nzu arakinga."

Bamwe bahagaze ku marembo ngo hatagira ubacika, umwe yurira inzu ngo asenye amategura amanukiremo, abona byatinda, batangira kwica inzugi. Baciye urwinjira mu nzu, n'urwo mu cyumba yari arimo, uwari ufite ishoka ahita ayimwasa mu mutwe, abandi bamutemagura imihoro.

Umugore we yagize ngo ariruka umukecuru wazanye isuka na we ayimwasa mu mutwe, yikubita hasi bomucocaguza inkoni ariko ntiyapfa, umukobwa wabo na we abo bicanyi bamukubise umuhoro yikubita hasi batangira kumubyinagiraho.

Abasigaye ku irembo basigaye bacunga abaje gutabara, uje bamutera amabuye agasubirayo.

Abaturage babonye hari bupfe benshi, bahamagara Inzego z'umutekano, zije abicaga uko ari 7 bariruka, babiri bafatirwa ku Mugonero mu Murenge wa Mahembe, Akarere ka Nyamasheke, uwitwa Habimana Mvuyekure wari uyobonye icyo gitero afatirwa mu Murenge wa Mutuntu yerekeza mu Karere ka Nyamagabe, abandi bane barabacika, baracyashakishwa.

Ndiramiye Vianney yahise ajyanwa ku Kigo Nderabuzima cya Gatare apfa akihagera, imbangukiragutabara ijyana umurambo mu Bitaro bya Mugonero gukorerwa isuzuma rya muganga, inajyana uwo mukobwa we kumuvuza.

Umugore wa Ndiramiye Vianney we yajyanywe ku Kigo Nderabuzima cya Gakuta, bose bari kwitabwaho n'abaganga.

John Munyurangabo uri mu batabaye mbere bakamutera ibuye mu mutwe bakamukomeretsa, yavuze ko ibi batatekerezaga ko hari uwabitinyuka mu gihugu cy'u Rwanda kigendera ku mategeko.

Ati: "Ibi ni amahano ndengakamere. Gushinja umuntu amarozi, mukikora mu gihugu nk'iki mugatera urugo rw'umuntu mukamwica abandi bo mu muryango we mukabakomeretsa na bo mushaka kubica? Bafatwe rwose birakabije."

Abaturage basigaranye igihunga n'ubwoba ku bakekwaho ubwicanyi batarafatwa, bagahamya ko bashobora kugirira nabi n'abandi.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Karongi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Umuhoza Pascasie, asanga ibyabaye ari amahano atakwihanganirwa n'ubuyobozi.

Ati: "Batatu bamaze gufatwa bafungiye kuri Sitasiyo ya RIB ya Twumba abandi baracyashakishwa. Ibyo bakoze ni amahano atakwihanganirwa kuko umutekano w'umuturage ari ntavogerwa. Bagomba kubihanirwa bikomeye kuko gutera urugo rw'umuntu ukamwica, abandi ukabakomeretsa uvuga ngo ni umurozi ni amahano."

Yasabye abaturage gukunda ubuzima no gukunda abandi, abafite ikibazo bakegera ubuyobozi bukabafasha kugikemura, byakwanga bakagana inkiko aho gushaka kwihanira no kwamburana ubuzima.

# Ukraine: Amasezerano y'amahoro aracyakomwa mu nkokora n'agace ka Donbass

NYIRANEZA Judith

***Perezida wa Leta zunze Ubumwe za Amerika, Donald Trump, ku Cyumweru, tariki ya 28 Ukuboza, yatangaje ko amasezerano ku mugambi w'amahoro kuri Ukraine uri hafi, nyuma y'inama yagiranye na mugenzi we wa Ukraine, Volodymyr Zelensky, yakiriye muri Florida, ariko ikibazo cy'agace ka Donbass kikiri ingorabahizi.***

Donbass ni agace kangana na kilometero kare 55 000, gahana imbibi n'u Burusiya, mu burasirazuba bwa Ukraine, kakaba ari ikibaya kinini cy'inganda, gikungahaye ku makara n'amabuye y'agaciro.

Mu kiganiro n'abanyamakuru mu rugo rwe i Florida, Perezida Donald Trump ari kumwe na Perezida wa Ukraine, Volodymyr Zelensky, yavuze ko hari intambwe yatewe mu guhagarika intambara hagati ya Ukraine n'u Burusiya mu gihe yahuraga na mugenzi we wa Ukraine, ubwo bemeraga ko hari ingingo imwe cyangwa ebyiri zi zikibangamye.

Perezida wa Amerika kandi yemeye ko ibibazo by'imbibi bitarakemuka.

Yongeyeho ati: "Turimo gusa n'abegerana, tukaganira cyane, turegera amasezerano kuri Donbass."

Trump yashimangiye ko imyanzuro y'ibiganiro ku masezerano y'amahoro hagati ya Ukraine n'u Burusiya ishobora kumenyekana mu byumweru biri imbere.

Ati: "Ndatekereza ko mu byumweru bike biri imbere, tuzamenya mu buryo bumwe cyangwa ubundi niba ibiganiro byaragenze neza, nubwo ibiganiro byagoranye cyane."

Abajijwe ku ruzinduko rushobora kubera muri Ukraine, Trump ntiyazuyaje, yagize ati: "Nateguye kujyayo ndetse mbivugira imbere y'Inteko Ishinga Amategeko yabo. Nta tariki ntarengwa, uretse guhagarika intambara."



**Perezida wa USA Donald Trump n'uwa Ukraine Volodymyr Zelensky hari ingingo batumvikanaho mu masezerano yo guhagarika intambara**

Mu gihe Volodymyr Zelensky yatangaje ko habayeho amasezerano atanga ubwishingizi ku mutekano wa Ukraine nk'igice cy'umugambi w'amahoro n'u Burusiya. Trump yaritonze cyane, avuga ko ikibazo cyakemutse kuri 95%."

Yavuze kandi ko yiteze ko Abanyaburayi bazafata igice kinini cyo kwishingira umutekano, bashyigikiwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Nk'uko bisanzwe iyo avuga ku kibazo cya Ukraine, Perezida Trump yavuze ko afite icyizere, gusa nta bisobanuro bifatika yatanze ku iterambere yavuze rimaze kugerwaho muri ibyo biganiro.

Perezida wa Ukraine, Volodymyr Zelensky yatangaje ko ikibazo cya Donbass batakivugaho rumwe kikiri ingorabahizi.

Yagize ati: "Mu by'ukuri, ibiganiro bijyanye n'umugambi w'amahoro biragoye, cyane cyane ku kibazo cya Donbass, gikomeje kuba kimwe mu ngingo z'ingenzi zitavugwaho rumwe."

Yongeyeho ati: "Tugomba kubaha amategeko yacu n'abaturage bacu ku bijyanye n'imicungire y'ubusugire bw'igihugu dutegeka. Ni yo mpamvu Perezida Trump avuga ko ari ikibazo kigoye. Dufite igitekerezo gitandukanye cyane n'u Burusiya kuri iyi ngingo."

Perezida wa Ukraine yongeye kwemeza ko icyemezo icyo ari cyo cyose cy'ingenzi ku gihugu kizagomba guca muri kamarampaka cyangwa se kikemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko.

# U Bushinwa bwatangiye gukorera imyitozo ya gisirikare hafi ya Taiwan

KAMALIZA Agnes

***Ingabo z'u Bushinwa zatangiye gukorera imyitozo hafi ya Taiwan, zirasa amasasu ndetse zivuga ko ibyo bikorwa bizakomeza mu rwego rwo kuburira amahanga akomeje kwivanga mu bibazo bya Taiwan.***

U Bushinwa buri gukoresha ingabo zirwanira mu kirere n'amato y'intambara bwavuze ko iyo myitozo ari umuburo ukomeye ku bashaka kwitandukanya nabwo no kwivanga kw'amahanga.

Ibyo byatumye na Taiwan ihita itangira imyitozo, yubura n'ibikoresho bya gisirikare mu rwego rwo kwitegura kwirwaho mu gihe yagabwaho igitero.

Uburakari bw'u Bushinwa bwasembuwe bikomeye n'amasezerano Taiwan iherutse kugirana na Leta Zunze Ubumwe za Amerika agamije kugurisha icyo gihugu intwaro zifite agaciro ka miliyari 11 z'amadolari, n'andi yabaye mu bihe bitandukanye.



**U Bushinwa buri mu myiteguro yo kwirwanaho mu gihe Taiwan ishyigikiwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika yaba ibugabyeho igitero**

Iyo myitozo yiswe 'Just Mission 2025', ikaba ikubiyemo imyitozo igamije gufunga ibyambu bikuru bya Taiwan, kuyizenguruka impande zose, kwitegura intambara yo mu nyanja no mu kirere, gufunga ibyambu n'ahantu h'ingenzi, gutanga umuburo ukomeye ku mitwe ishaka kwigenga n'abashaka kwivanga.

Nubwo Taiwan ivuga ko yigenga ariko u Bushinwa buracyayifata nk'igice cyabwo kandi bwasezeranyije ko buzahafata mu gihe icyo ari cyo cyose byaba bibaye ngombwa.

U Buyapani bwamaganye ubwo bushotoranyi bw'u Bushinwa, ndetse Minisitiri w'Intebe wayo, Sanae Takaichi, yavuze ko ingabo zabo zizivanga mu ntambara mu gihe bwagaba ibitero kuri Taiwan.

U Bushinwa buherutse gutangaza ko bwafatiye ibihano ibigo by'ingabo n'ikoranabuhanga mu bya gisirikare 30 bya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, n'abayobozi bakuru babyo bazira guha intwaro icyirwa cya Taiwan, ibintu icyo gihugu kivuga ko biteje akaga.

Mu bigo byahanwe harimo, ibikora intwaro n'ibikoresho bya gisirikare, ibikora sisiteme z'intwaro zihanitse n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu ngabo, birimo ishami rya Boeing rikorera i St Louis, Northrop Grumman Systems Corporation, L3Harris Maritime Services, Lazarus AI n'ibindi.

Bimwe muri ibyo bihano harimo gufatira imitungo yabyo n'iy'abantu ku giti cyabo iri mu Bushinwa, kubabuza kwinjira muri icyo gihugu no gukorana n'abagituye n'ibindi.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Bushinwa yatangaje ko igikorwa cyose cyizagera muri Taiwan gishotorana kizahura n'igisubizo cy'u Bushinwa gikomeye, isaba Amerika guhagarika ibikorwa yise ko biteje akaga.

Ibyo byatumye umubano w'u Bushinwa na Amerika uzamo agatotsi busaba icyo gihugu guhagarika inkunga zayo muri Taiwan.





Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Young Grace na Fifi banyuzwe no gutaramira mu 'Cyumba cya Rap'



**Young Grace na Fifi Raya bishimiwe bitewe n'imyitwarire yabo ku rubyiniro**

MUTETERAZINA Shifah

***Abahanzi bakora injyana ya Rap, bari mu bakunzwe mu Rwanda Young Grace na Fifi Raya bagaragaje amarangamutima yo kuba barahawe umwanya wo kuzataramira abakunzi b'injyana ya Hip Hop mu gitaramo cyiswe "Icyumba cya Rap" bagataramana na basaza babo, Riderman na Bulldog bagiteguye.***

Icyumba cya Rap' cyari kibaye ku nshuro ya kabiri aho cyaranzwe n'umwihariko wo kuba abaraperikazi na bo barahawe umwanya ugereranyije n'icyabanje.

Ni igitaramo cyabaye mu ijoro ry'itariki ya 26 Ukuboza 2025, cyaranzwe no kwizihirwa kw'abakitabiriye ndetse n'ibyishimo ku mpande zombi haba ku bahanzi, wabonaga abitabiriye banyuzwe n'indirimbo zabo barimo kuririmbana n'abahanzi babo.

Ubwo yari avuye ku rubyiniro Fifi Raya yagaragarije itangazamakuru ko yishimye kandi anejejwe no kuba kuri iyi nshuro abateguye igitaramo bazirikanye abaraperikazi.

Ati: "Ndishimye cyane byari byiza bwari ubwa mbere kuri njye, ndi umuntu abantu batajya bakunda gutekerezaho, narabikunze cyane ukuntu n'abaraperikazi babatekerejeho.

Sinatekerezaga ko abaraperikazi bahawe umwanya mu cyumba cya Rap cy'uyu mwaka nagombaga kuzamo none byabaye, ndanezerewe cyane."

Fifi Raya ari mu baraperi beza bakizamuka u Rwanda rufite, mu ndirimbo ze yaririmbye harimo iyo yakoranye na Bushali n'iyo yafatanyije na B-Threy zose yafatanyaga n'abitabiriye icyumba cya Rap kuziririmba.

Young Grace na we udakunda kugaragara cyane ariko akaba yifitiye igikundiro gihoraho anyuzwe n'uko abantu baba bakibuka indirimbo ze.

Ati: "Banyakiriye neza cyane, kubera ko maze igihe kinini ntaririmba nari nzi ko indirimbo zanjye bazibagiwe ariko ndatunguwe indirimbo zihora ziri mu mitwe y'Abanyarwanda, ndabashimiye cyane."

Akomeza agira ati: "Ndashimira Ma Africa gutekereza no ku bakobwa, ni ibintu byiza kuko si abahungu gusa bakora Hip Hop n'abakobwa turayikora, kudutekerezaho ni igitekerezo cyiza byaranshimishije cyane barakoze cyane "



**Young Grace na Fifi Raya bishimiye ko batekerejweho nk'abakobwa bakora Hip Hop mu gitaramo Icyumba cya RAP**

Ubwo icyumba cya Rap cyabaga ku nshuro ya mbere harimo abaraperi b'abasore gusa nta mukobwa warimo ibintu bisa nkaho abakobwa bakora iyo njyana batakiriye neza nubwo ntacyo babivuzeho icyo gihe, icyakora bose bagaragaje ko byari bikwiye kuko bashimishije abitabiriye kandi bagaragarizwa urukundo rudasanzwe.

Young Grace ugaragaza ko amaze iminsi atuje ariko kandi yari ahugiye kuri Alubumu yari amaze iminsi ategura aho yaririmbye izirimo 'Ataha he' yakunzwe n'abatari bake.

Igitaramo icyumba cya Rap cyabaye tariki 27 Ukuboza 2024, abahanzi bakiririmbamo barimo Riderman, Bushali, Bull Dog, P-Fla, Diplomate, Green P, Fire Man, Dany Nanone, Jay - C, Ish Kevin n'abandi.



**Young Grace na Fifi Raya bitabiriye igitaramo Icyumba cya Rap**

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-45 TARIKI 23 - 29 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Derrek Baker yagizwe umutoza wungirije wa APR BBC

# Basketball: Derrek Baker yagizwe umutoza wungirije wa APR BBC y'abagabo

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya APR Basketball Club yagize Derrek Baker umutoza wungirije w'ikipe y'abagabo, naho Matar Ousseynou Mbodji agirwa umuyobozi ushinzwe iterambere ry'abakinnyi.***

Ibi bikubiye mu mu itangazo iyi kipe y'ingabo yashyize hanze ku wa Gatanu, tariki ya 26 Ukuboza 2025, binyuze ku mbuga nkoranyambaga zayo.

Derrek Baker w'imyaka 40 y'amavuko, afite uburambe bwo gutoza amazemo imyaka 17 by'umwihariko mu bihugu bya Repubulika ya Dominican, Venezuela na Bahrain.

Yabaye umutoza wungirije w'Ikipe y'Igihugu ya Repubulika ya Dominican mu gihe cy'imyaka umunani ndetse rimwe na rimwe akaba umutoza mwiza w'umwaka muri icyo gihugu.

Ku rundi ruhande Matar Ousseynou Mbodji wo muri Senegal wahawe akazi ko kuzamura iterambere ry'abakinnyi kuko abifitiye ubushobozi ukurikije aho yanyuze hatandukanye ku Isi, nko muri NBA Summer League, anabikora mu Ikipe y'Igihugu ya Sénégal.

Uyu mugabo yitezweho gufasha abakinnyi kuzamura urwego, ndetse bakanagira imibereho myiza, dore ko amenyereye gukorana n'abakinnyi b'abanyamahanga nko muri NBA, BAL, EuroLeague n'ahandi.

Aba batoza bazakorana na James Maye Jr usanzwe ari umutoza mukuru.

Mu kwitegura umwaka w'imikino wa 2026, APR BBC yaguze abakinnyi bashya barimo Prince Twa, Ndizeye Dieudonné 'Gaston' na Carlton Bragg Jr.

# Rayon Sports yanganyije na Etincelles ikomeza kugana ahabi



Rayon Sports yanganyije na Etincelles FC

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yanganyije na Etincelles igitego 1-1 mu mukino w'umunsi wa 13 wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 27 Ukuboza 2025.***

Wari umukino wa mbere w'umutoza mukuru mushya wa Rayon Sports Bruno Ferry.

Uburyo bwa mbere bwabonetse ku munota wa 15 ku mupira mwiza wahinduwe na Musore Prince usanga Nshimirimana Emmanuel 'Kabange' ateye ishoti umupira ujya hanze.

Mu minota 30, umukino wakinirwaga cyane hagati mu kibuga nta kipe irema uburyo bukomeye bwo gutsinda igitego.

Ku munota wa 38, Rayon Sports yibwiraga ko yafunguye amazamu kuri Coup Franc yatewe na Ndayishimiye Richard, umupira ushyirwa mu izamu na Rushema Chris ariko umusifuzi yemeza ko yaraririye.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yakomeje gusatira bidatsinze ku munota wa 50 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Asman Ndikumana ku mupira yatereye hanze y'uburuga rw'amahina uruhukira mu rushundura.

Ku munota wa 59, umutoza wa Etincelles FC Masudi Juma yakoze impinduka Robert Mukoghotya asimburwa na Ishimwe Djabilu.

Izi mpinduka zatanze umusaruro ku munota wa 68 Ishimwe Djabilu yishyuriye Etincelles ku mupira mwiza yahawe na Niyonkuru Sadjati awushyira mu izamu.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe cyane na Rayon Sports yasatiraga ishaka igitego cya kabiri cy'intsinzi ariko ubwugarizi n'umunyezamu ba Etincelles bakomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

Kunganya uyu mukino byatumye Rayon Sports iguma ku mwanya wa karindwi n'amanota 21 irushwa na Police FC ya mbere amanota umunani, ni mu gihe Etincelles yafashe umwanya wa 17 n'amanota 11.

Undi mukino wabaye ku wa Gatandatu tariki ya 27 Ukuboza, Kiyovu Sports yanganyije n'Amagaju FC 0-0.